# *Guhitamo Umugeni*

Abantu benshi barwaye. Sinshobora kubageraho bose icyarimwe. Ariko, nimwumve.

2 Ndishimye cyane kuba nongeye kuba ndi hano muri iri joro, muri iyi nzu nziza, iri tsinda ryiza ry'abantu. Kandi twari turi kwinjira, dusoka hanze aho, mu kanya gato gashize, abantu bahagaze hanze ku muhanda bavuze ko badashoboye kwinjira. Nanjye ndavuga nti: "Noneho, wenda nshobora kubashakira umwanya." Ariko ntibababakundiye kuza. Mumbabarire rero kuko nta mwanya uhagije dufite wo kubakirirano. Bavuze ko n'icyumba cyo munsi y'ubutaka cyuzuye. Bityo rero ibyo biratubabaje. Ariko twishimiye kuba turi hano, kandi twishimiye kubona iri tsinda ry'abakozi b'Imana beza bose, abacuruzi bari hano, hamwe namwe mwese intumwa ziturutse mu bice bitandukanye by'igihugu.

3 Nagize amahirwe akomeye yo kuvuga muri iki gitondo, kw'ifunguro rya mu gitondo, Ibyo rwose ndabishimira cyane kuko ari icyubahiro cyo kuvuga imbere y'abantu beza nk'aba. Nari ndi ku ngingo ivuga ngo *Igishishwa Ntikizaraganwa n'Imbuto y'Ingano*. Sinashoboye kubirangiza. Kandi ntabwo byari—ikosa rya mwene Data. Yagerageje gusaba ubuyobozi ko buduha gukomeza akanya gato, ariko ntibwabikora. Ndabyizera rwose, Mwene Data Demos. Ni byiza cyane. Ndagushimira cyane ku bw'ineza yawe, kandi kuri buri wese. Ariko ntibatwemereye kubikora. Rero twagombaga gukora—twagombaga gusoza. Nzabisubiramo, ikindi gihe, kugira ngo ndangize, *Igishishwa Ntikizaraganwa n'Imbuto y'Ingano*. Mwabyumvise, mwebwe abari hano? Ndizera ko hari ibihagije kugira ngo byumvikane.

4 Noneho, ndabizi, iri joro, hari n'akanama, bityo sinshaka kubagumana hano igihe kirekire ku buryo mwakaburamo. Kuko, ndatekereza ko kari ingirakamaro rwose ku—ku bantu bemera Pentekote, ako kanama twabonye mu ijoro ryakeye. Itsinda ry'abagabo beza cyane, ibisubizo byiza cyane, bisobanutse. Byatumye numva meze neza cyane, kukabona. Ndizera ko Uwiteka aza kugaha umugisha, muri iri joro. Kandi uwo ari we wese ureba, yizere. Iryo ryaba isengesho ryanjye rivuye ku mutima.

5 Kandi amakuru menshi araza, uyu munsi, aturutse mu iposita no mu guhamagara, avuga ko benshi bakize muri iri teraniro. Ndishimye cyane kubw'ibyo. Rero, ni ko bimeze, kubona abantu barwaye, ubwo ni umurimo wanjye.

6 Jye—jye ndaza hano kubwiriza. Jyewe, murabizi, sindi umuvugabutumwa. Ariko njyewe, hamwe n'iki kibonezamvugo cyanjye cy'i Kentucky, "byo, ntabwo "—n'ayo magambo yose,

rero njyewe—sinshobora kuvuga nk'uwo twita umubwiriza ugezweho muri iki gihe. Jyewe—sinashoboraga gufata uwo mwanya, kuko nta—nta bumenyi mfite.

7 Ariko nkunda kugaragaza ibyo nzi kuri Ibyo, ku bandi, cyangwa ibyo numva ko nzi kuri Ibyo, no ku bandi, uko nabyize, uko Iri kuri njye. Ni Yo buzima bwanjye bwose, ni Yo Ingira icyo nshobora kuba cyo, n'ibindi byinshi cyane kuruta uko natekerezaga, ku buryo ntigeze ngira inshuti ku isi, igihe nari nkiri umwana muto. Ariko rwose ndashimira inshuti zikomeye uyu munsi.

8 Ndi. . . [Mwene Data umwe aravuga ati: "Mfite akabazo gato ko kumva iby'aho inyuma, mwene Data Branham. Igira hino."—Ubwanditsi.] Yoo, mbabarira. Ndi—meze nk'utabasha gukurikira hano, ahantu hamwe, ni ko yavuze.

9 Noneho, kugira ngo twinjire mu murimo, mureke turambure bimwe mu Byanditswe. Njye—njye mpra nsoma Bibiliya, kuko Ari Ijambo ry'Imana. Ndaryizera. Kandi nizera ko ari Ijambo ry'Imana ritataneshwa. Kandi ubu mfite Ibyanditswe bike nanditse hano, n'inyandiko zimwe na zimwe nifuza kuvugaho, mu kanya gato, wenda mu minota mirongo ine n'itanu.

10 Hanyuma turaza gusohokera ku gihe kugira ngo twongere tujye muri ka kanama keza muri iri joro. Kandi nizera ko Imana iribukomeze neza kubaha umugisha. Kandi nzi icyo mugomba gukora. Kandi ngomba kujya i Tucson ntwaye imodoka, mu kanya, iri joro, murabona, rero mushobora kubyiyumvisha. Ni urugendo rw'amasaha icumi mu modoka.

11 Kandi ndava aha njye hakurya y'inyanja, kandi ngomba gupimwa na Leta indwara y'umuriro w'umuhondo. Rero njye—njye ngomba kugerayo. Narasubitse, umunsi washize, kandi ntabwo bazafata oya "oya" ngo ubu nongere nsubize. Kandi hari indi ndwara ya tetanusi na tifusi zo gusuzumwa, hamwe n'ibindi binyongerera imbaraga.

12 Rero, ndashimira cyane kubw'aya mahirwe, kandi—kandi aka kanama keza twagize mbere y'ibiterane rusange. Mu by'ukuri byanezeje umutima wanjye. Muri itsinda ryiza ry'abantu. Ndizera ko Imana izabaha umugisha.

13 Ubwo ibihe bikomeye byigeze kubaho. . . Iyo nyamaswa y'inkazi yari iryamye hejuru, yikubise hasi muri Alaska, mu minsi mike ishize, yongeye gutera umurizo wayo hejuru muri iki gitondo, hirya no hino, hirya no hino muri Washington. Yashoboraga kwerekeza muri iyi nzira, byoroshye cyane. Kandi niba Umwuka Wera ambwiye rwose. . .

14 Hari umuntu wabaye igisubizo. . . ambaza ibyo, "Ese bigiye kubera hano, Mwene data Branham?" Oya, simbizi. Gusa simbinzi, kugeza igihe nzabimenyera. Ni ukuri.

15 Buri gihe nifuza kubabera inyangamugayo. Sinshobora gukeka, gufata ibitekerezo ibyo ari byo byose, cyangwa bimwe, ibyo nemera, cyangwa ikindi kintu nk'icyo. Iyo mbikubwiye, biraba. Yego, agomba kubanza kubimbwira, hanyuma nanjye nkabikubwira. Jye—Nzi ko isi yose iri mu bihe bikomeye. Turi mu gihe cy'imperuka. Ariko ikintu kimwe nagerageje kuba cyo . . .

16 Mwene Data Shakarian yavugaga muri iki gitondo, ukuntu yakundaga kujya mu mirongo y'amasengesho, hanyuma akagera aho agafata ayo makarita mbere y'uko abantu baza, maze akayareba, kandi murebe niba—niba narababwiye ibyo bari baranditse hanze aho. Bandika ibintu by'ubwoko bwose ku makarita yabo yo gusengerwa, murabizi, kandi yashakaga kureba niba ari ukuri. Yavuze ko, mu magana yari yagenzuye, nta n'imwe yari yarigeze igenda nabi. ta n'imwe izigera igenda nabi, murareba, kuko, igihe—igihe cyose ari Imana. Niba mbyinjiramo ni uko ikibazo kigihari uhereye mbere na mbere.

17 Umukobwa muto ufite se wicaye hano, anteze amatwi ubu, yaje aho ndi, vuba aha. Yari yarose inzozi. Yaravuze ati: "Mwene Data Branham, izi nzozi zisobanura iki?"

18 Ndavuga nti: "Simkizi, mushiki wanjye. Ngomba kukimenya, niba Umwami abishaka." Nuko ndakomeza ngerageza kubaza Umwami, ariko Ntiyigeze ambwira.

19 Umukobwa muto yongeye kugaruka. Aravuga ati: "None se, ubu ibisobanuro by'inzozi zanjye biri he?"

20 Ndavuga nti: "Ngwino hano, mukundwa, icara." Ndavuga nti: "So na nyoko ni inshuti zanjye nziza cyane. Murareba? Kandi baturutse kure cyane muri Kanada, bari mu kiruhuko cy'izabukuru, kandi bacumbitse hano hamwe na njye. Bizera ibi, ibyo ngerageza kuvuga. Kandi nta muntu n'umwe nigeze mbwira nabi, nkana, mu buzima bwanjye. Niba nda . . . Ndatekereza ko nzi icyo inzozi zivuga. Ariko kugeza igihe ubwanjye ntiboneye izo nzozi, ngo Imbwire icyo zisobanura, sinakibabwira. Murabona, iyo ntekereje ikintu runaka, hashobora kubaho igihe wankenera uri hagati y'ubuzima n'urupfu, hanyuma ntumenye niba unyemera cyangwa utanyemera."

21 Niba hari icyo nkubwiye mw'Izina ry'Umwami, kiba ari ukuri. Ni Yo iba yavuganye nanjye. Kandi kugeza ubu, muri iyi myaka yose, ku isi yose, no ku isi yose, nta kosa na rimwe ryigeze ribaho. Kubera ko . . . Kandi, noneho, muzi ko ikiremwa muntu kidashobora kuba ikitaneshwa. Umwuka w'Imana ni wo ubikora.

22 Ubu mfite Ubutumwa nshinzwe. Kandi inshuro nyinshi nahawe agaciro, mu bantu, wenda umuntu utarahise yicara ngo atekereze umunota umwe, ko nari u—u, yoo, umuntu mubi cyane, ko ntakundaga abantu, ngo nahoraga mbacamo ibice. Kandi

si ko bimeze. Si ko bimeze. Nkunda abantu. Ariko, murabizi, urukundo rurakosora.

23 Niba umwana wawe muto yari yicaye mu muhanda hanze aho, na we ati: "Junior, mukundwa, singushaka hariya, ariko. . . " Kandi imodoka zamunyuragaho, maze ukamuzana. Akongera akiruka agasubirayo. Ugomba kumukosora. Niba umukunda, uzabikora. Ugomba kubikora.

24 Niba wabonye umuntu amanuka mu ruzi, yerekeza ku isumo, mu bwato buto, ukaba wari uzi ko ubwo bwato bugiye kurohama aramutse yikubise kw'isumo, Wavuga uti: "John, wenda wagombye gutekereza gato, hari ubwo ushobora kutabigeraho"? Niba nzi ko atazabigeraho, ngiye kumukura mu bwato, niba bishoboka, kuko urukundo ari rwo rubikora.

25 Noneho, muri ubu Butumwa mvuga, ntabwo nigeze ngerageza kuzana inyigisho iyo ari yo yose, cyangwa n'ibindi. Jye—ibyo ndabikora mu itorero ryanjye. Ariko hanze hano mu bagabo n'abagore b'amadini atandukanye n'ibitekerezo bitandukanye, Ngerageza gusa gufata ishusho yoroheje, nsobanura; ariko bihagije ku buryo niba warabyawe n'Umwuka w'Imana, ndizera ko uzasobanukirwa icyo nshaka kuvuga, mu bantu b'Abakristo, Abametodisite, Ababatisita, Abaperesipiteriyani, Abapentekote n'abandi.

26 Noneho, iri joro, ndashakaga kurambura mu Itangiriro, igice cya 24. reka dusome. . . mu ntangiriro umurongo wa 12 w'igice cya 24 cy'Itangiriro.

> *Nuko aravuga ati: "Yewe Uwiteka Mana. . . ya databuja Aburahamu, ndakwinginze, umpe ihirwe uyu munsi, kandi ugirire neza databuja Aburahamu.*
>
> *Dore, mpagaze hano ku iriba ry'amazi; n'abakobwa b'abagabo bo mu mujyi bavoma amazi:*
>
> *Bibe birya, umukobwa ndibubwire nti: 'ndakwinginze, cisha bugufi ikibindi cyawe nyweho; akansubiza ati: 'nywaho nduhira n'ingamiya zawe,' abe ari we watoranyirije Isaka umugaragu wawe; ibyo ni byo bizamenyesha yuko wagiriye databuja neza."*

27 Hanyuma mu gitabo cy'Ibyahishuwe. Icyo ni cyo gitabo cya mbere muri Bibiliya, Itangiriro. Noneho, ku mpera ya Bibiliya, ndashaka gusoma mu gice cya 21 cy'Ibyahishuwe, ku murongo waho wa 9.

28 Tuzi icyo Ibyanditswe by'Itangiriro hano. . . Mwasoma igice cyose, niba mubishaka. Ni Imana yohereje Eliyezeri. Cyangwa, Aburahamu yohereje Eliyezeri, mumbabarire, kugira ngo ahitiremo Isaka umugeni. Nuko Rebeka mwiza arasohoka, kandi mu gusubiza neza isengesho iryo—iryo Eliyezeri, umugaragu wa Aburahamu, yari amaze gusenga.

Noneho ku murongo wa 9 igice cya 21 cy'Ibyahishuwe.

*Nuko haza umwe muri ba bamalayika barindwi bari bafite za nzabya zirindwi zuzuye ibyago birindwi by'imperuka, avugana nanjye, maze arambwira ati: "Ngwino hano nkwereke umugeni, umugore w'Umwana w'Intama."*

29 Noneho ndashaka gufata ingingo, iri joro, kubw'ibyo: *Guhitamo Umugeni.* Kandi iyi ni, niba mwene Data ufata amajwi hano abishaka, iyi ni yo kaseti ushobora gutangira kuyisohora.

30 Kandi ubu, muri ibingibi, ntabwo bivuze ko ndimo kubwira iri teraniro riri hano, ahubwo izi kaseti zizenguruka isi yose. Bihindurwa mu ndimi nyinshi cyane, ndetse no mu bihugu by'abapagani hirya no hino ku isi. Tubohereza kaseti, ku buntu, ku muryango w'itorero. Kandi zihindurwa mu ndimi. Kandi hirya no hino mu mashyamba ya Afurika, no mu Buhinde, no hirya no hino ku isi, izi kaseti zirahagera.

Noneho, guhitamo Umugeni!

31 Mu bintu byinshi by'ubuzima duhabwa amahitamo. Inzira y'ubuzima, ubwayo, ni amahitamo. Dufite uburenganzira bwo kwihitiramo inzira yacu, guhitamo inzira yacu twifuza kubamo.

32 Uburezi ni amahitamo. Dushobora guhitamo niba tugiye kwiga, cyangwa niba tutaziga. Ayo ni amahitamo dufite.

33 Icyiza n'ikibi ni amahitamo. Buri mugabo, umugore wese, umuhungu n'umukobwa, agomba guhitamo niba agiye kugerageza kubaho neza cyangwa kutabaho neza. Ni amahitamo.

Guhitamo ni ikintu gikomeye.

34 Icyerekezo cy'Iteka ryose ni amahitamo. Kandi wenda, muri iri joro, bamwe muri mwe bazarikora—iryo hitamo, ry'aho uzamara Ubuziraherezo, mbere y'uko aya materaniro arangira muri iri joro. Hari igihe kimwe, niba waranze Imana kenshi, hari igihe kimwe uzayihakana bwa nyuma. Hano hari umurongo w'imbabazi n'urubanza. Kandi ni ikintu giteje akaga ku mugabo cyangwa umugore, umuhungu cyangwa umukobwa, kurenga uwo murongo, kuko nta gusubira inyuma niba urengeje icyo gihe ntarengwa. Rero, muri iri joro, birashoboka ko ari cyo gihe benshi bazafatamo i—icyemezo cyabo, aho bazamara Iteka ryose ritagira iherezo.

35 Hari irindi hitamo dufite mu buzima, ni iry'umusangirangendo w'ubuzima. Umusore cyangwa inkumi, batangira ubuzima, ba—barahawe uburenganzira bwo guhitamo. Umusore ni we uhitamo. Umukobwa afite uburenganzira bwo kubyemera cyangwa kubyanga. Ariko biracyari amahitamo, ku mpande zombi. Umugabo n'umugore, bafite uburenganzira bwo guhitamo.

Kandi, ufite guhitamo, nk'Umukristo.

36 Ufite amahitamo y'itorero, hano muri Amerika, kugeza ubu, iryo ushobora kujyamo. Ayo ni amahirwe yawe bwite y'Umunyamerika, guhitamo itorero iryo ari ryo ryose ushaka kubamo. Ayo ni amahitamo. Ntabwo ari ngombwa kujya muri rimwe muri yo, niba utabishaka. Ariko niba ushaka guhindura ukava mu Bametodiste ukajya mu Babatisita, cyangwa ukava mu Banyagatolika ujya mu Baporotesitanti, cyangwa n'ibindi, nta muntu n'umwe ushobora kukubwira cyangwa kugutuma ngo ujye mu itorero runaka. Ibyo ni ibyacu—Ubwo ni bwo bwisanzure bwacu. Nguko uko demokarasi yacu iri. Buri muntu ashobora kwihitiramo. Ubwisanzure mu guhitamo iyobokamana, kandi ibyo ni—ikintu cyiza cyane. Imana idufashe kukigumana igihe kirekire uko dushoboye kose.

37 Mufite kandi amahitamo. Niba. . .Iyo muhitamo iri torero, mushobora guhitamo niba mu, muri iri torero, niba muzahitamo itorero rizabayobora kugeza mu cyerekezo cy'Iteka ryose. Mushobora guhitamo itorero rifite ukwemera runaka, mushobora gutekereza ko uko kwemera ari ko mushaka. Cyangwa, irindi torero rifite imyizerere yaryo.

38 Noneho hariho Ijambo ry'Imana, mufite amahitamo. Mugomba guhitamo.

Hari itegeko ritanditse hagati yacu, ryo guhitamo.

39 Nizera ko yari Eliya, igihe kimwe, hejuru y'umusozi wa Karumeli, nyuma y'imirwano, mu gihe gikomeye cy'akaga tugiye kugeramo ubungubu. Kandi wenda, bishobora kuba kuri wowe cyangwa kuli njye, muri iri joro, ko twagira aya mahitamo, nk'uko byagenze ku musozi wa Karumeli. Mu by'ukuri, ndatekereza ko ubu birimo kuba ku isi yose. Ariko vuba aha hazabaho igihe aho ugomba guhitamo.

40 Namwe bantu muri hano, b'amadini yanyu, gusa mwizere ibi, ko igihe cyegereje kuri mwe, mu gihe mugiye guhitamo. Mugiye kujya mu nama mpuzamadini ku isi, cyangwa ntimuzongera kuba idini ukundi. Mugomba kubikora, kandi ayo mahitamo ari hafi kuza.

41 Kandi ni ikintu giteje akaga gutegereza kugeza kuri iyo saha ya nyuma, kuko ushobora gufata ikintu utazigera ushobora kukikuraho. Murabizi, hari igihe mushobora kuburirwa, hanyuma, niba murenze uwo murongo w'umuburo, ubwo muba mwaramaze gushyirwaho ikimenyetso ku rundi ruhande, mufite ikimenyetso.

42 Mwibuke ko, iyo umwaka wa yubile ugeze, maze u—umutambyi akagenderaga ku ifarashi avuza impanda ye, ko imbata zose ziba zibohowe. Ariko iyo bangaga kwemera umudendezo wabo, bagombaga kujyanwa mu rusengero, ku mwanya w'inyuma, maze bagafata icyuma bakamutobora amatwi, hanyuma agakorera shebuja ubuzira herezo. Batoboraga ku matwi ye nk'ikigereranyo, cyo kumva. "Ukwizera

kuzanwa no kumva." Yumvise iyo mpanda, ariko ntiyashakaga kuyitega amatwi.

43 Kandi inshuro nyinshi, abagabo n'abagore bumva Ukuri kw'Imana, kandi bakakubona kwemejwe ko ari Ukuri, ariko ntibashake kukumva. Hari indi mpamvu. Hari andi mahitamo bafite, kuruta guhangana n'Ukuri kugaragara, bityo amatwi yabo ashobora gufungwa kugira ngo batumva Ubutumwa Bwiza. Ntibazongere kubwumva ukundi. Inama yanjye kuri mwebwe, iyo Imana ivuganye n'umutima wanyu, muhite mukora ako kanya.

44 Eliya yabahaye amahitamo, ari yo bagombaga: "Uyu munsi nimwihitiremo uwo muzakorera. Niba Imana ari yo Mana, nimuyikorere. Ariko niba Bayali ari yo Mana, nimuyikorere."

45 Noneho, nk'uko tubona ko ibintu byose bya kamere ari urugero rw'iby'umwuka, nk'uko twabisomye mu isomo ryacu muri iki gitondo, nk'izuba n'imiterere yaryo. Iyo ni yo Bibiliya yanjye ya mbere. Mbere yo gusoma urupapuro muri Bibiliya, nari nzi Imana. Kubera ko, buri hantu hose muri Bibiliya handitswe muri kamere, kandi bihuye n'ijambo ry'Imana: uko gupfa, guhambwa, kuzuka kw'ibidukikije; n'izuba rirasa, rigatambuka, rikarenga, rikazima, rikongera kurasa. Hari ibintu byinshi dushobora gufatiraho urugero, Imana mu bidukikije, ibyo tugomba kwirengagiza, kugira ngo tubone ubu Butumwa.

46 Noneho, niba umwuka, cyangwa, imiterere karemano ari ubwoko bw'umwuka, hanyuma, guhitamo umugeni, mu bisanzwe, ni urugero rwo guhitamo Umugeni, Umugeni, mu buryo bw'mwuka.

47 Noneho, ni ikintu gikomeye iyo tugiye guhitamo umugore, umugabo, kuko indahiro hano" kugeza ubwo urupfu ruzadutandukanya." Uko ni ko tugomba kubyubahiriza. Kandi urahirira imbere y'Imana ko urupfu ari rwo rwonyine ruzagutandukanya. Kandi ndatekereza ko twakagombye... Umugabo ufite ubwenge nyabwo, uteganya ahazaza, ko agomba guhitamo uwo mugore witonze cyane. Witondere ibyo ukora. Kandi umugore akihitiramo umugabo, cyangwa akemera guhitamo umugabo, agomba kwitonda cyane kuli byo akora, cyane cyane muri iyi minsi. Umugabo agomba gutekereza no gusenga mbere yo guhitamo umugore.

48 Ndatekereza ko, uyu munsi, ibiriho ni...Imanza nyinshi zo gutandukana kw'abashakanye ubu, ku buryo ari twe tuyoboye isi muri Amerika, mu manza zo gutandukana kw'abashakanye. Tuyobora indi si yose. Hari ubutane bwinshi hano kurusha ahandi hose, iki gihugu, kandi dufatwa nk'igihugu cya Gikristo, kandi dutekerezwaho. Mbega igitutsi, inkiko zacu zo gutandukana! Ntekereza ko, impamvu yabyo, ni ukubera ko abagabo bagiye kure y'Imana, kandi n'abagore bagiye kure y'Imana.

49 Kandi dusanga ko, niba umugabo yarasenze n'umugore agasenga kuri icyo kibazo; si ukureba gusa amaso meza, cyangwa ibitugu binini bikomeye, cyangwa ibindi nk'ibyo, cyangwa ikindi kintu cy'isi gishimishije; ahubwo yabanza kureba Imana, akavuga ati: "Mana, iyi ni gahunda yawe?"

50 Ndatekereza ko, muri iki gihe, hari uburiganya bwinshi, nk'uko bimeze mu ishuri. Igihe—igihe abana bazaga, mu gitondo, abenshi mu bana bo muri ako gace, bari—bari inshuti zanjye, bazaza aho ndi maze bavuge bati: "Mwene Data Branham, ese uradusengera? Dufite i—ikizamini uyu munsi. Jyewe—njyewe nakoze ijoro ryose, kandi nsa nk'aho ntashoboye—ntashoboye kubikemura. Munsengere." Ndatekereza ko umwana wese w'umunyeshuri, niba ubishaka, niba . . . Kandi ababyeyi bari ku meza mu gitondo, mushobora kuvuga muti: "Mama, John afite ikizamini uyu munsi. Reka tumusengere nonaha." Ndatekereza ko byaruta ibyo byose washoboraga gukora mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose, cyangwa ukareba ku rupapuro rw'undi muntu maze ugakopera, ndakeka, niba wazaga gusa ugasengera icyo kibazo.

51 Kandi niba twakwiga icyo dukora igihe tugiye gushyingiranwa, Iyo duhisemo umugore wacu, umugabo wacu, niba twabyigaga neza! Umugabo akwiye gusenga cyane, kuko ashobora kwangiza ubuzima bwe bwose. Mwibuke ko indahiro ari "kugeza igihe urupfu ruzadutandukanya," kandi ashobora kwangiza ubuzima bwe ahisemo nabi. Ariko niba yabimenyaga, aba yahisemo nabi maze agashaka umugore udakwiriye kuba umugore we, kandi akabikora uko byagenda kose, icyo gihe ni ikosa rye. Iyo umugore ashatse umugabo maze akamenya ko adakwiriye kuba umugabo we, ubwo ni ikosa ryawe bwite, nyuma umenya icyiza n'ikibi. Rero, ntugomba kubikora utabanje gusenga neza.

52 Ibyo ni nako bigenda iyo umuntu ahisemo itorero. Noneho, ugomba gusengera itorero urimo gukoreramo. Wibuke ko amatorero agira umwuka.

53 Noneho, sinshaka kunenga. Ariko ndabizi ko ndi umusaza, kandi ko ngomba kuva hano, umunsi umwe muri iyi minsi. Kandi nzabazwa kandi nzatanga ibisubizo ku Munsi w'Urubanza niba ibyo mvuga iri joro cyangwa nzavuga ikindi gihe. Kandi rero, ngomba kuba inyangamugayo cyane kandi nkagira icyizere cy'ukuri.

54 Ariko, ujya mu itorero, iyaba warebaga imyitwarire y'iryo torero, Ukareba umupasiteri akanya gato, buri gihe uzasanga itorero rikora nk'umupasiteri. Hari igihe nibaza niba tudahererekanya umwuka w'umuntu umwe ku wundi aho guhererekanya Umwuka Wera. Ugeze ahantu umupasiteri ari intagondwa kandi agakomeza kuyobora, uzasanga n'itorero ari uko rimeze. Nzakujyana mu rusengero aho mbona umupasiteri

ahagaze, azunguza umutwe we hirya no hino. Mwitegereze amateraniro, nabo ni nk'ibyo bakora. Fata umupasiteri, umira bunguri icyo abonye cyose, itorero na ryo rizahora rikora nk'ibyo. Rero, iyo nza guhitamo itorero, nari guhitamo itorero ritunganye, ry'ibanze, ry'Ubutumwa Bwiza Bwuzuye, itorero rishingiye kuri Bibiliya, iyo nza guhitamo rimwe ryo gushyiramo umuryango wanjye. Guhitamo. Narebye . . .

55 Abahungu, ejobundi, umuhungu wa Mwene Data Shakarian n'umukwe we, banzanye hano gusengera umusore muto, umuririmbyi, umuhungu ugezweho. Neza nkigaruka . . . Fred Barker, iryo ni ryo zina rye, nkigaruka mvuye mu rugendo. Nuko barampamagara, barambwira ngo: "Fred agiye gupfa." Hanyuma, mbere y'uko ninjira mu nzu, haje indi nkuru ngo: "Ubungubu ashobora kuba yapfuye." Kandi yavuze ko yari afite ikibazo cyo—kuva amaraso mu bwonko, kandi agacika intege, kandi—kandi yari agiye gupfa, kandi umugore we yashakaga ko musengera.

56 Nuko ndatekereza nti: "Yewe, ningerageza gufata indege, nshobora gusanga yapfuye 'mbere y'uko ngerayo, kandi ubu ashobora kuba yapfuye." Rero, nahamagaye vuba maze nitabwa n'umugore muto kuri telefoni. Maze dufata telefoni, tuyishyira ku gutwi kwa Fred. Ntiyashoboraga kumira. Bari bamuhaye utwuma tumufasha kumira. Kandi ubwo twamusengeraga, yaravuze, aramwenyura, Babimukura mu muhogo. Abasha kumira. Abaganga ntibabyemeraga. Babikuyemo, maze abasha kumira. Ku munsi ukurikiyeho, yarahagurutse.

Itorero; guhitamo itorero.

57 Hashize igihe gito cyane, telefoni ihageze. Muri iki gitondo, umunyamuryango wo mu itorero ryanjye, umugore w'Umubatisita akomoka hanze ya Louisville, yapfuye muri iki gitondo. Kandi itorero ry'iwacu, itsinda nyaryo ry'abagabo biyeguriye Imana, baraterana bishyize hamwe bajyayo mbere y'uko umurambo usigwa imibavu, baramuzengurutse, barasenga kugeza igihe ubuzima bumugarukiyemo. None ni muzima, muri iri joro. Abakuru b'itorero ryanjye, bigishijwe kwizera ko byose bishoboka, baza ku Mana nta buryarya.

Rero, mugomba guhitamo neza.

58 Nanone, ubwoko bw'umugore umugabo agomba guhitamo, buzagaragaza intego ze n'imico ye. Iyo umugabo ahisemo umugore utari we, bigaragaza imico ye. Kandi icyo yihambiraho, kigaragaza koko ibiri muri we. Umugore agaragaza ibiri mu mugabo iyo amuhisemo ngo amubere umugore. Bigaragaza ibiri mu mutima we. Atitaye ku cyo hanze bavuga, areba icyo yashatse.

59 Njya njya mu biro by'umuntu, uvuga ko ari Umukristo; amashusho y'urufaya hirya no hino ku nkuta, n'uwo umuziki wa kera wa boogie-woogie arimo gucuranga. Sinitaye kubyo

avuga. Ntabwo nizera ubuhamya bwe, kuko umwuka we uri mu buryo bw'isi. Ni ibiki se, mumbwire, niba agomba kurongora umukobwa wo muri korali, cyangwa se niba agomba kurongora umwamikazi w'igitsina, cyangwa se Ricketta mwiza, kandi ugezweho? Bigaragaza, bigaragaza icyo afite mu bwenge bwe, icyo urugo rwe rw'ejo ruzaba cyo, kuko yamujyanye kurera abana be. Kandi uko yaba ari kose, ni ko azarera abo bana. Bityo, bigaragaza ibiri mu mugabo. Umugabo ufata umugore nk'uwo, agaragaza neza icyo atekereza ku hazaza he.

60 Wabasha kwiyumvisha Umukristo ukora ikintu nk'icyo? Oya, mugenzi. Sinabishobora. Umukristo nyawe ntabwo azareba abamikazi b'ubwiza nk'abo, abakobwa b'abaririmbyi, n'abamikazi b'imibonano mpuzabitsina. Azashaka imico ya Gikristo.

61 Noneho, ntushobora kugira ibintu byose, hagomba kubaho umukobwa umwe mwiza cyane, n'undi mukobwa, wenda ni u, igihagararo cye kigaragara neza kurusha *uyu*, kandi ushobora kuba ugomba kwigomwa kimwe kubera ikindi. Ariko niba atari igihagararo cy'umukobwa, cyangwa umugore, kandi ari . . . Sinzi niba ari mwiza cyangwa atari mwiza, Byaba byiza urebye imico ye, yaba ari mwiza cyangwa atari mwiza.

62 Noneho, kuko, birakwiye, niba Umukristo yahitamo umugore, agomba guhitamo umugore w'ukuri, wavutse ubwa kabiri, uko yaba asa kose. ni cyo ari cyo, ni cyo kimugize. Hanyuma, ibyo bigaragaza imico ye bwite y'Imana, kandi agaragaza ibiri mu bwenge bwe n'ibizaba mu gihe kizaza, kuko umuryango we uzarerwa n'umugore nk'uwo, ku byerekeye gahunda z'ejo hazaza h'urugo rwe.

63 Niba ashatse umwe muri aba Rickettas bato bo muri iki gihe, abamikazi b'imibonano mpuzabitsina, yakwitega iki? Ni ubuhe bwoko bw'urugo umugabo yakwitega kugira? Niba ashatse umukobwa udafite imyitwarire ihagije ku buryo yaguma iwe akita ku rugo, maze agashaka gukorera imyitozo mu biro by'umuntu, azaba umukozi wo mu rugo umeze ute? Uzatunga abarera abana, n'ibindi byose. Ni ukuri.

64 Ubu, ntabwo nkunda cyane ibi bigezweho, abagore bakora. Iyo mbona aba bagore bambaye iyi myambaro, bazenguruka muri uyu mujyi, kuri moto, nk'abapolisi, Ni ikimwaro ku mujyi uwo ari wo wose uzemerera umugore gukora ibyo. Murabona? Murabona? Nk'uko abagabo benshi badafite akazi, bigaragaza imitekerereze ya none y'umujyi wacu. Bigaragaza igisuzuguriro. Ntabwo ari ngombwa ko tugira abagore nk'abo hanze aho. Nta kazi bagira hanze aho nk'ako.

65 Igihe Imana yahaga umugabo umugore, yamuhaye ikintu cyiza cyane kurusha ibindi byose yashoboraga kumuha, kitari agakiza. Ariko iyo umuntu agiye kugerageza gufata umwanya

w'umugabo, ubwo uwo mugore aba ari ikintu kibi cyane kurusha ibindi byose yashoboraga kubona. Noneho, ni byo. Murabona?

Noneho dushobora kubona ishyirwa mu bikorwa ry'umwuka.

66 Njye—njye nzi ko ari bibi, ndatekereza ko ari bibi, ariko ni Ukuri. Ntitwitaye ku kuntu ari bibi, tugomba guhangana n'ibiriho. Ibyo ni byo Bibiliya yigisha. Murabona?

67 Noneho, hano turabona ku mugaragaro gahunda y'umwuka, gahunda y'Imana ku rugo Rwayo rw'ejo hazaza hamwe n'Umugeni Wayo w'ejo hazaza, iragaragara ubu.

68 Iyo umugabo ashatse umwamikazi w'iimibonano mpuzabitsina, ubona icyo aba ashaka mu gihe kizaza. Iyo umugabo ashatse umugore utazaguma mu rugo, ubona icyo ashaka mu gihe kizaza. Kandi nanjye rimwe . . .

69 Ibi bisa nk'aho ari bibi cyane. Ndumva nshaka kubivuga gusa. Nanjye—njyewe, mu bisanzwe, niba numva navuga ikintu, ngomba kukivuga. Kandi mu bisanzwe ni inzira y'Imana.

70 Jyewe—najyaga njyana n'umuhinzi twakoranaga, kugura inka. Kandi nabonye uwo musaza ahora areba imbonankubone iyana mbere yo kujya gupiganirwa isoko. Hanyuma agahindukiza umutwe wayo, akareba imbere n'inyuma. Naramukurikiye, ndamwitegereza. Kandi yarayitegerezaga kuva hasi kugeza hejuru, niba isa neza, n'igihagararo cyayo. Nuko akayihindukiza akayireba mu maso, rimwe na rimwe yazunguzaga umutwe akigendera.

Ndavuga nti: "Jeffries, ndashaka kukubaza ikintu."

Aravuga ati: "avuga kuri, Bill."

71 Nanjye ndavuga nti: "Kuki uhora ureba iyo nka mu maso?" Naravuze nti: "Isa neza, ni nziza—ni inka nziza ifite ibiro."

72 Yaravuze ati: "Ndashaka kukubwira, muhungu, hari byinshi ugomba kwiga." Kandi njyewe—njyewe nabimenye amaze kubimbwira. Yaravuze ati: "Sinitaye ku buryo iteye. Ishobora kuba ari ikimasa, kugeza ku kinono. Ariko niba ifite iyo miterere mibi mu maso hayo, ntukigere uyigura."

Ndavuga ati: "Kubera iki, Jeffries?"

73 "Ni byo," yaravuze ati: "Ikintu cya mbere ni," yaravuze ati: "ntizigera iguma aho iri." Kandi aravuga ati: "Igikurikiraho ni uko itazigera iba nyina w'inyana zayo." Arongera ati: "Bayishyize mu kiraro ubu, ni yo mpamvu ibyibushye. Uyirekuye, hamwe n'uwo mujinya w'inyamaswa, yakwiruka igapfa."

74 Ndavuga nti: "Urabizi, hari icyo nize. Ndizera ko ibyo bijyanye n'abagore." Ni byo. Ni byo.

75 Uwo mujinya, wa kinyamaswa, Ricketta agaragaza, ibyiza ni uko wawugendera kure, muhungu, ibintu byose by'ubururu

yasize hejuru y'amaso ye. Kandi sina... Sinabishakaga. Sintekereza ko ibyo ari ibintu bikwiye ku Mukristo. Sinitaye ku byo televiziyo n'ibinyamakuru bivuga ko ari byiza. Ni ikintu kigaragara nk'igiteye ubwoba cyane, kigaragara nabi kurusha ibindi byose nigeze mbona mu buzima bwanjye.

76 Ubwo nabibonaga bwa mbere, hano muri Clifton's Cafeteria, mu gitondo kimwe, ku ifunguro rya mu gitondo... Nabonye bamwe muri abo bakobwa bazamuka. Mwene Data Arganbright yari amaze kwinjira, hamwe nanjye. Kandi yari yamanutse hasi. Naritegereje, maze uwo mukobwa arinjira. Ndatekereza nti: "Ni byo, Njyewe—Njyewe—Njyewe simbizi." Sinigeze mbibona mbere. Byari bimwe. Yoo, byasaga nk'aho yari yanduye, murabizi, asa n'usekeje gusa. Jye—Simvuze ibyo kugira ngo mbasetse, ndi—ndimo kubibwira... Murabizi, nabonye ibibembe, ndi umumisiyoneri, Nabonye ubwoko bwose bw'abasazi, murabizi, b'uburyo... indwara z'ibyorezo, kandi nari ngiye kujya aho umukobwa ari nkamubwira nti: "Jyewe—Jyewe—ndi umukozi w'Imana, njyewe—nsengera abarwayi. Ese wi—wifuza ko ngusengera?" Sinigeze mbona ikintu nk'icyo. Hanyuma, haza abandi babiri cyangwa batatu. Nasubiye inyuma icyo gihe ndategereza.

77 Mwene Data Arganbright arinjira, nuko ndavuga nti: "Mwene Data Arganbright?" Ashobora kuba ari hano. Ndavuga nti: "Uriya mugore afite ikihe kibazo?" Murabona?

Nuko aravuga ati: "Iryo, ni irangi."

78 Ndavuga nti: "Mu by'ukuri, mbega!" Murareba? Natekerezaga ko bagomba kumushyira ahantu runaka mu kigo cyita ku bagizi ba nabi, kugira ngo bitabangamira abandi bagore bose.

79 Ariko, murabizi, mugomba gutegura, kureba, gusenga, igihe mugiye guhitamo. Kuko, tubona, duhereye kuri ibi, Ijambo ry'isezerano. We, uwo mugeni umugabo yahitamo, azagaragaza imico ye. Bigaragaza ibiri muri we.

80 Noneho, ese mwshobora kwiyumvisha umugabo, wuzuye Umwuka Wera, wafata ikintu nk'icyo ngo kimubere umugore? Jyewe—Jyewe—simbibona rwose, mwene Data. Noneho, wenda ni uko maze kuba umusaza. Ariko, murabizi, njyewe—sinshobora kubyumva, murabona, mwitegereze, kuko bizagaragaza ibiri muri we. Agiye kumufasha kubaka urugo rwe rw'ejo hazaza.

81 Noneho, ubwo tuzasubira inyuma gato, tujye ku ruhande rw'umwuka. Kandi iyo ubonye itorero riri mu isi, rikora nk'ab'isi, ritegereje iby'isi, risangira iby'isi, ribara Amategeko y'Imana nk'aho Itigeze iyandika, hanyuma mwebwe—mushobora kwiyumvisha ko Kristo atazafata Umugeni nk'uwo. Ntimushobora kwiyumvisha gufata itorero rigezweho uyu munsi kubw'Umugeni? Ntabwo ari byo Mwami wanjye. Ntabwo...

Birangoye kubona ibyo. Oya. Mwibuke, noneho, umugabo n'umugore we ni umwe. Wakwifatanya n'umuntu nk'uwo? Mubikoze, byatenguha rwose ikizere mbafitiye.

82 Hanyuma se, Imana yifatanya n'ikintu nk'icyo, indaya isanzwe y'idini? Utekereza ko Izabikora, "Bafite uburyo bwo kubaha Imana ariko bagahakana imbaraga ziyirimo"? Ntabwo yabikora. Umugore agomba kuba afite imico Yayo muri we. Itorero nyaryo, ry'ukuri, ryavutse ubwa kabiri rigomba kugira i—imico yari muri Kristo, kubera ko umugabo n'umugore ari umwe. Kandi niba Yesu yarakoraga ibishimisha Imana gusa, agakurikiza Ijambo Ryayo kandi akagaragaza Ijambo Ryayo, Umugeni We agomba kuba afite ubwoko bw'imico nk'ubwo. Ntiyashobora na gato, kuba idini. Kubera ko, uko waba ushaka kuvuga kose, "oya," agenzurwa n'inama y'ubutegetsi ahantu runaka, ibyo bimubwira icyo gukora n'icyo adashobora gukora, kandi, inshuro nyinshi, kure y'Ijambo ry'ukuri.

83 Birababaje cyane kuba twarigeze kureka Umuyobozi nyakuri Imana yadusigiye kuyobora Itorero. Ntiyigeze yohereza abaperezida ba leta. Ntiyigeze yohereza abasenyeri, abakaridinali, abapadiri, abapapa. Yohereje Umwuka Wera ku Itorero, kugira ngo uyobore Itorero. "Igihe Umwuka Wera uzazira, Azabayobora mu Kuri kose, ahishure ibi bintu, ibyo nababwiye, azabibibutsa, kandi azabereka n'ibizaba." Umwuka Wera wagombaga kubikora. Noneho, itorero rya none rirabyanga. Ntiribikunda, none se ni gute ryaba Umugeni wa Kristo? Abantu bo muri iki gihe barimo guhitamo idini rigezweho. Icyo rikora, rigaragaza gusa uburyo ridasobanukiwe Ijambo ry'Imana neza.

84 Singamije kubabaza, ahubwo ndashaka ko mureka rikabacengeramo bihagije kugeza igihe muryitayeho.

85 Nashyingiye benshi, ariko buri gihe binyibutsa Kristo n'Umugeni We. Bumwe mu bukwe nakoreye hano, mu gihe gishize, cya—cyari ikintu cy'ingenzi cyane mu buzima bwanjye. Hashize imyaka myinshi, ubwo nari umukozi w'Imana ukiri muto.

86 Mukuru wanjye yakoraga kuri—PWA. Sinzi niba hari umuntu ubyibuka, cyangwa se utabyibuka, haba hari umuntu ukuze nkanjye. Kandi uwo wari—umushinga leta yari ifite. Kandi murumuna wanjye yakoreye iyo ruguru, nko mu birometero mirongo itatu. Bari barimo gucukura ibiyaga bimwe na bimwe, umushinga wo kubungabunga ibidukikije.

87 Kandi hari umuhungu wakoreraga iyo ruguru, ari kumwe na we, uvuye muri Indianapolis, nko mu birometero ijana uvuye muri Jeffersonville aho ntuye—ndiho, cyangwa nari ntuye. Kandi hari hari u. . .Abwira mwene Data, umunsi umwe, yaravuze ati: "Doc," aravuga ati: "Njye—Ndashaka. . .Ngiye kurongora, niba nari mfite amafaranga ahagije yo kwishyura umubwiriza."

Aravuga ati: "Njye—njye mfite amafaranga ahagije kugira ngo mbone lisanse yanjye, ariko," ati: "Nta amafaranga mfite ahagije yo kwishyura umubwiriza."

88 Doc aravuga ati: "Ni byiza, mwene Data ni umubwiriza, kandi—kandi we—ashobora kubashyingira." Aravuga ati: "Ntabwo yigera asaba abantu ibintu nk'ibyo."

Yaravuze ati: "Uzamumbariza niba azanshyingira?"

89 Ni byiza, iryo joro, ni ko mwene Data yansabye. Naravuze nti: "Niba atarigeze ashaka mbere, wenda umwe muri bo, kandi . . . byose ni byiza."

Aravuga ati: "Ni byiza, yego, ndamukunda."

Nanjye ndavuga nti: "Niba ari byo, bimubwire, genda ubimubwire."

90 Rero, ku wa Gatandatu ugeze maze umuhungu aramanuka. Ni byiza cyane kuri njye, guhora ntekereza kuri ibi. Nari . . . Nyuma y'umugoroba w'imvura, n'imodoka ishaje ya Chevrolet, amatara y'imbere yari afatanye n'insinga zo gufunga, zazamukaga imbere. Nyuma ho gato mpfushije umugore wanjye, kandi nari ndimo gutunganya, ibyumba bibiri bito. Kandi—kandi Doc yari ari ahongaho turi kumwe, tubategereje.

91 Maze—maze umuhungu asohoka mu modoka, kandi ndakeka ko atasaga n'umukwe kuri njye cyangwa undi muntu uwo ari we wese. Yego. Nashoboraga kugura inkweto nziza cyane, ku idolari rimwe n'igice. Kandi yari yambaye inkweto, zimuvamo. Kandi ipantaro ye yari ipate nyayo. Kandi yari yambaye imwe muri aya makoti ashaje y'uruhu. Sinkeka ko bamwe muri mwe mwaba mubyibuka. Ryasaga nk'aho ryanyuze mu mashini imesa itaryumukije, kandi ryari rifite k, ihambiriye ridoze nka *gutya*, n'imfuruka hejuru.

92 Kandi—Umukobwa muto yasohotse ku ruhande, yambaye ikanzu ntoya, yoo, imwe muri izo zigaragara nk'izifite amadinda.

93 Simbizi. Nakoze ikosa ryo guhamagara ubwoko bw'ibicuruzwa, rimwe. Gingham, ndizera ko ari ko yitwa. Kandi yari . . . [Itorero riraseka—Ubwanditsi.] Nongeye kubivuga nabi. Jye—Ndabikora buri gihe. Nuko ndavuga nti . . .

94 Yavuye mu modoka, maze bazazamuka kuri esikariye. Maze—maze ubwo binjiraga, ikintu gito cyabaye, ya, . . . Ndakeka, we, ku byerekeye ibyo yari yambaye, yari ijipo gusa. Kandi byari bigoye, kuba nta nkweto yari yambaye. Yari yafashe imodoka iturutse i Indianapolis, imanuka. Yari afite umusatsi muke utendera, inyuma, muremure, nk'aho ari umugozi utendera inyuma. Yasaga n'ukiri muto cyane.

Nanjye ndamubwira nti: "Ese ufite imyaka ihagije yo gushaka?"

95 Aravuga ati: "Yego, mugenzi." Maze aravuga ati: "Mfite uruhushya rwanditse ruvuye kuri data na mama." Yaravuze ati: "Nagombaga kurwerekana—ku rukiko hano, kugira ngo mbone uruhushya rwanjye."

96 Ndavuga nti: "Ni byo." Ndavuga nti: "Ndashaka kuvugana namwe igihe gito mbere y'uko tubashyingira." Baricara. Umuhungu yakomeje kureba hirya no hino mu cyumba; yari akeneye kogoshwa cyane. Nuko akomeza kureba hirya no hino mu cyumba. Ntabwo yari arimo kuntega amatwi. Ndavuga nti: "Muhungu wanjye, ndashaka ko wumva ibyo mvuga."

Aravuga ati: "Yego, mugenzi."

Maze Ndavuga nti: "Ukunda uyu mukobwa?"

Aravuga ati: "Yego, mugenzi. Ndamukunda."

Ndavuga nti: "Mukobwa uramukunda?"

"Yego mugenzi. Ndamukunda."

97 Ndavuga nti: "None se, ufite aho umujyana nyuma yo gushyingirwa?"

Aravuga ati: "Yego, mugenzi."

98 Ndavuga nti: "Ni byo. Noneho," Ndavuga nti: "Ndashaka kubabaza ikintu kimwe. Ndabyumva, urimo gukora hano kuri iki GISHUSHANYO."

Nuko aravuga ati: "Yego, mugenzi." Ayo ni nk'amadolari cumi n'abiri mu cyumweru.

Naravuze nti: "Utekereza ko ushobora kumutunga?"

Yaravuze ati: "Nzakora ibishoboka byose."

99 Maze Ndavuga nti: "Mu by'ukuri, ni ibyo ni byo." Nanjye ndavuga nti: "None se, byagenda bite aramutse avuye muri . . . Byagenda bite se aramutse atakaje aka kazi, mushiki wanjye? Wakora iki, wahita wiruka usubira mu rugo, kwa mama, kwa papa?"

Aravuga ati: "Oya, mugenzi. Nzakomeza kubana na we."

100 Nanjye ndavuga nti: "Gute se, mugenzi, niba ufite abana batatu cyangwa bane, ntacyo ubagaburira, kandi nta kazi ufite. Uzakora iki, ni ukumwirukana?"

101 Yaravuze ati: "Oya, mugenzi. Nzabyihanganira cyane. Tuzabigeraho, mu buryo bumwe."

102 Numvaga ntameze neza. Kandi nabonye ko amukunda by'ukuri, kandi ko bakundanaga. Narabashyingiye.

103 Hanyuma nibajije aho yamujyanye. Nyuma y'iminsi mike, nabajije mwene Data Doc, aho ari. Aravuga ati: "Jya i New Albany," umujyi muto uri hano.

104 Kandi hepfo ku ruzi, aho nabikaga amabati, aho najyaga buri munsi iyo nabaga na—nari umuyobozi werekana inzira.

Rero igihe abandi basore, bose bari bicaye aho, bavuga urwenya n'ibindi bintu, Nashoboraga kurira ikamyo ngahita niruka nkajye ku ruzi ngasenga muri icyo gihe, ahongaho, kandi nsoma Bibiliya yanjye, munsi y'agasanduku kanini aho ibyuma bishaje byabikwaga. Hari hari imodoka nini zishaje zitwara abantu.

105 Kandi uyu mugabo yari yagiyeyo maze afata imwe muri izo modoka maze ayikuraho urugi. Maze afata ikinyamakuru n'udukarito duto.

106 Ni bangahe bazi icyo tacky button ari cyo? Noneho ubwo, nta baturage ba Kentucky bari hano. Ni, fata agace k'ikarito, winjizemo igikumwe, akenge gato. Hanyuma usunike mu . . . Iyo ni yo tacky button.

107 Rero, bari barabishyize ahantu hose. Kandi yari yaragiye mu mashini zikora ibyuma maze amuzanira ibintu, maze atera intambwe, kugira ngo azamuke. Maze mbona uduskarito dushaje, nuko mushakira ameza. Kandi nibwiraga ko, umunsi umwe, "Nzajyayo maze nkareba uko bamerewe."

108 Amezi agera kuri atandatu mbere yaho, nashyingiye umukobwa wa E. V. Knight n'umuhungu wa E. T. Slider. E.V. Knight, umwe mu bakire bari ku ruzi rwa Ohio, kandi, yoo, ayobora inganda nini ahongaho, akora izi nzu zimukanwa, n'ibindi. Kandi—na Slider, E.T. Slider, ni ikigo cy'umucanga n'amabuye, cy'abana b'abaherwe. Kandi nari narabashyingiye.

109 Nasubiye ahantu runaka, mpakorera imyitozo mu gihe cy'ibyumweru bibiri, nsubira mw'ihema rito mpfukama ku musego. Kandi amamurika gurisha n'ibindi bintu byose nanyuzemo, hafi ya byose, nagombaga kubinyuramo, kugira ngo nshyingire abo bashakanye! Kandi ubwo bazaga, kubera iki, bari . . . Aba bandi bashakanye bato bahagaze aho mu cyumba gito gishaje aho twari dufite diva nto n'igitanda gishashe, ariko bombi bashyingiranywe mu muhango umwe.

110 Hanyuma, umunsi umwe, natekereje kujya gusura uyu mugabo n'umugore bakize. Ntibagombaga gukora, ba se bari abaherwe, bari barabubakiye inzu nziza. Mu by'ukuri, uyu E. V. Knight, hejuru, hano ku gasozi, selire z'inzugi ze ni karati cumi n'enye za zahabu ku ngoro ye nini, bityo rero ushobora kwiyumvisha ubwoko bw'inzu babamo. Ntabwo byasabaga ko bakora. Bahabwaga Cadillac nziza buri mwaka. Kandi gusa, abana bonyine, kandi bari bafite ibyo bifuzaga byose. Igihe najyagayo umunsi umwe . . .

111 Noneho, uko namenyeranye nabo, umwe mu nshuti zabo yari inshuti yanjye magara. Twese twarakundanaga cyane. Uko ni ko namenyekanye, ubwo bashakaga ko mbashyingira.

112 Nuko njyayo kubasura. Nasohotse muri Ford yanjye ishaje, hanze, maze nzamukana esikariye. Maze—maze ndahaguruka, ndabegera cyane, maze ndabumva. Kandi bari bashyamiranye cyane. Bari bafitanye ishyari hagati yabo. Bari bagiye kubyina.

Yari umukobwa mwiza cyane. Kandi yari ameze nk'aba bamikazi b'ubwiza. Yatwaye ibihembo byinshi ahongaho, kandi yegukana imodoka n'ibindi, kubera kuba nyampiga w'ubwiza. Narabarebye, maze mbona umwe yicaye mu mfuruka imwe undi mu yindi, ahora ashyamiranye n'umuhungu yabyinanye na we, cyangwa umukobwa runaka, ikintu nk'icyo.

113 Ubwo nazaga, barasimbutse vuba cyane barambarara hasi, nuko ba—ibiganza byabo, bifashe hasi hasi, bagenda bagana ku muryango. Yaravuze ati: "Kubera iki, muraho, Mwene Data Branham! Umerewe ute?"

Yagize ati: "Ni byiza. Mwebwe mwese mumerewe mute?"

114 Na we ati: "Yoo," aravuga ati: "Njyewe—Njyewe... Turishimye cyane. Si byo, mukundwa?"

Nuko aravuga ati: "Yego, mukundwa." Murareba?

115 Noneho, urabona, uri kwishyiramo ikintu kitari cyo. Noneho, ntiwashyushywa n'umuriro wazimye, nk'amwe muri ayo matorero agerageza kuzimya umuriro wa Pentekote, w'ikintu cyabaye mu myaka igihumbi ishize cyangwa mu myaka ibihumbi bibiri ishize. Ntushobora gushyushywa n'umuriro wazimye. Pantekote iracyari ukuri nk'uko yari imeze icyo gihe. Murareba? Yego. Umuriro uracyagabanuka. Ntabwo ari umuriro wazimye. Ni Umuriro nyakuri.

116 Rero, bo, bari bahagaze aho. Murabona? Njyewe—njyewe sinshaka kubaho muri ubwo buryo.

117 "Yewe," Naratekereje nti: "urabizi, hepfo gato hejuru y'urutare hariya no hejuru y'uruzi, aho ni ho abandi bashakanye barangiriye." Naratekereje nti: "Umunsi umwe ku wa Gatandatu nyuma ya saa sita ngomba kunyaruka nkareba uko bameze."

118 Nuko njye, nsa nabi mu maso, nsa nabi ahantu hose, nitwaje ibikoresho byanjye. Naratekereje nti: "Nzararayo." Nanyereye nk'aho ndimo kwitegereza ko insinga zishyushya amashanyarazi zirimo guturitswa n'inkuba cyangwa ikindi kintu, kandi ubwo nagendaga iruhande rw'insinga za terefone, insinga z'amashanyarazi zari ku nkengero z'uruzi. Kandi hari imodoka ishaje ya Chevrolet, yari iri imbere yaho. Nyuma y'umwaka umwe, nyuma y'uko mbashyingira. Kandi hari—u... Urugi rwari rukinguye, kandi numvaga bavuga. Ibi bisa n'aho ari uburyarya, ariko negereye hafi bihagije kugeza ubwo nashoboraga kubumva, numva ibyo bari barimo kuvuga. Nahagaze aho. Kandi nshaka kumenya, bwanjye.

119 Nkunda kumenya no kwemeza neza ibyo ndimo kuvuga. Uko ni ko mbikora ku Ijambo ry'Imana. Ese ni Ukuri, cyangwa si Ukuri? Ese Izakurikiza Ijambo Ryayo, cyangwa ntizakurikiza Ijambo Ryayo? Niba idakurikiza Ijambo Ryayo, ubwo ntiyaba ari Imana. Murareba? Ikomeza Ijambo Ryayo, Ni Imana. Murareba?

120 Nuko rero nashakaga kureba uko bari bameze. Nuko ndomboka ku ruhande, byoroshye cyane. Numvise avuga ati: “Yoo, mukundwa, nifuzaga kukuzanira ibyo, ni bibi cyane.”

121 Aravuga ati: “Noneho, reba, mukundwa.” Aravuga ati: “Iyi kanzu ni nziza.” Aravuga ati: “Kubera iki, iyi ni nziza cyane.” Ati: “Ndayishimiye. Ariko murabona . . . ”

122 Narombotse negera hafi, kugira ngo nshobore kurebera mu mwenge, aho urugi rwari rwaratobotse aho mu gasanduku k’imodoka. Kandi aho ni ho yari ari, yicaye ahongaho, umugore we ari ku bibero bye; yamuzungurukijeho ukuboko, n’umugore yamuzungurukijeho ukwe kuboko. Kandi yari afite imwe muri izi ngofero zishaje, yari yarayitoboyemo umwenge muto, yayihinnye, hejuru, maze akuramo sheki yo kwishyura, muri iyo ngofero. Ya—yari arimo kuyirambika ku meza. Yaravuze ati: “Ibiribwa birahenda *cyane*. Ubwishingizi burahenda *cyane*. Imodoka zirahenda *cyane*.” Kandi ntibashoboraga kugera ku ntego zabo. Nyuma yaje gusanga, yari yabonye ikanzu ntoya hejuru mu idirishya, yari amaze ibyumweru bibiri ayibonye, iyo yaguraga idolari rimwe risaga. Yashakaga kuyigura. Yaravuze ati: “Mukundwa, uyambaye yakubera cyane.” Nuko aravuga ati . . .

123 Aravuga ati: “Ariko, mukundwa, njyewe—njyewe mfite ikanzu. Njyewe—njyewe muby’ukuri sinyikeneye.” Murareba? Kandi uriya mwamikazi . . .

124 Nasubiye inyuma, ndeba hejuru. Nashoboraga kubona u—umunara uri hejuru y’indi nzu. Nahagaze aho ndareba, iminota mike. Ndatekereza nti: “Umukire ni inde?” Ndatekereza nti: “Niba, Bill Branham, niba ushaka gufata umwana runaka, wajya he?” Kuri njye, ntabwo nafata icyo kintu cyiza kiri hejuru y’umusozi. Nafata iyi myitwarire hano, nk’umuntu ukunda urugo koko, umuntu wankundaga kandi akabana nanjye, umuntu wagerageje kubaka urugo; kandi utagukomeretsa kubera ibintu byose, kubera ibintu byiza; umuntu kandi wabanye nawe, igice cyawe.

125 Ibyo byakomeje kunshimisha, uko byari bimeze. Umwe yahisemo umukobwa mwiza, undi ahitamo imiterere. Noneho, ubwo ni bwo buryo bwonyine ushobora guhitamo. Mbere na mbere, reba imico; hanyuma, urebe niba umukunda, ni byiza.

126 Murebe, Adamu wa mbere w’Imana ntabwo yari afite amahitamo, ku mugore we. Ntabwo yari afite amahitamo. Imana yamugize umwe gusa, kandi ntiyamuhisemo. Bityo dusanga umugore we yaramuyobeje mw’Ijambo ry’Imana. Ntiyashoboye gusenga kuri icyo kibazo. We—we—we ntabwo ari nkanjye nawe. Nta mahitamo yabonye. Kandi, mu kubikora, yamukuye mu mwanya we ukwiye nk’umwana w’Imana. Kandi yabikoze amwereka uburyo bwo kubaho bugezweho, ikintu batari bakwiye gukora. Ariko imico ye yagaragaje ko yari yibeshye.

Intego ze n'impamvu ze byari bibi gusa. Kandi yaramushutse, akoresheje ibitekerezo bye, ibyo urumuri rushya rugezweho rwari rwabonye, byari binyuranyije n'Ijambo ry'Imana, bwari uburyo bwiza bwo kubaho.

127 namwe mubwire, ni abagore bangahe muri iki gihe, n'abagabo bangahe, bashobora gukurura umugore mwiza ku Mana, cyangwa gukura umugabo mwiza ku Mana, bagerageza kumubwira bati: "Iri dini, mwa bahungu b'Abapentekote mwe, iryo dini," baravuga bati: "Yoo, ibyo ni ibya kera, ni ibintu bishaje, ntubyemere." Ugomba gusenga cyane mbere yo gushaka uwo mukobwa, sinitaye ku bwiza afite. Ni kimwe no ku mugabo.

128 Yaramushutse amujyana hanze y'bushake bw'Imana maze atuma akora ikintu atagombaga gukora, kandi, kubw'ibyo, byateje urupfu ku nyoko muntu yose. Ni yo mpamvu Bibiliya imubuza kwigisha, cyangwa kubwiriza, cyangwa kuyobora Ijambo ry'Imana, mu buryo ubwo ari bwo bwose.

129 Ndabizi, bashiki bacu, benshi muri mwe muravuga muti: "Uwiteka yampamagariye kubwiriza."

130 Sinzakugisha impaka. Ariko ndakubwira ko Ijambo rivuga ko utagomba kubikora. "Ntagomba kwigisha cyangwa kwigarurira ububasha ubwo ari bwo bwose, ahubwo agomba guceceka."

"Ni byo," uravuga uti: "Uwiteka yambwiye kubikora."

131 Nta gushidikanya kuri ibyo na gato. Ese wumvise Ubutumwa bwanjye mu ijoro ryakeye kuri Balamu? Balamu yahawe bwa mbere, icyemezo cyihuse cy'Imana ngo: "Ntubikore." Ariko yakomeje kwibeshya kugeza ubwo Imana imubwiye kubikora.

132 Imana ishobora kukwemerera kubwiriza. Simvuze ko Itabikora. Ariko ntabwo ari nk'uko Ijambo Ryayo rya mbere ry'umwimerere n'umugambi Wayo byari bimeze. "Kubera ko yasuzuguye, nk'uko amategeko avuga." Ni ukuri. Ntabwo rero, ntiyagombaga kubikora.

133 Noneho, mwongere murebe uburyo umugeni usanzwe agereranywa n'uw'umwuka. Ijambo rivuga, ko, "Yaremewe umugabo, ntabwo umugabo yamuremewe."

134 Noneho ngiye kuvuga, kubera iki, mu minota mike, ku Mugeni wa Kristo, ariko ndagerageza kubereka amateka yabyo.

135 "Umugore yaremewe umugabo, ntabwo umugabo yaremewe umugore." Ni yo mpamvu, mu mategeko ya kera, gushaka abagore benshi byari byemewe n'amategeko. Murebe Dawidi yicaye ahongaho afite abagore magana atanu, kandi Bibiliya iravuga iti: "Yari umuntu ukundwa n'Imana." Yari afite abagore magana atanu, na Salomo afite igihumbi, ariko nta n'umwe muri abo bagore washoboraga kugira undi mugabo.

136 Mwabonye kaseti yanjye ivuga ku *ishyingiranwa n'itandukana*. Ibyo, hejuru y'umusozi i Tucson, hano vuba

aha, nari ndimo kubisengera. Bafunze amashuri, kugira ngo barebe iyo Nkingi y'umuriro izengurutse umusozi ikagenda mu mutemeri, isubira inyuma n'ibindi, hejuru no hasi. Abantu bo hirya no hino barabizi, ahongaho, kandi barabibonye; kandi. . .ubwo Yanganirizaga yambwiye Ukuri kuri ibi bibazo by'ishyingiranwa n'itandukana. Niba hari uruhande rumwe rugana muri *ubu* buryo, n'urundi rugana muri *buriya* buryo, hagomba kuba hari Ukuri ahantu runaka. Nyuma y'ibyo Bimenyetso Birindwi, yerekanye Ukuri kwabyo.

137 Murebe, noneho, ntiyashoboraga kugira umugabo umwe, kuko, "Umugore yari yararemewe umugabo, kandi ntabwo yari umugabo waremewe umugore." Abo bagore magana atanu bose bari abagore ba Dawidi gusa, kandi byari ikigereranyo. Igihe Kristo azaba yicaye ku ntebe y'ubwami mu gihe cy'imyaka igihumbi, umugeni We ntazaba ari umuntu umwe, ariko bizaba amacumi y'ibihumbi, Umugeni, bose muri Umwe. Kandi Dawidi yari afite abagore benshi, ku giti cyabo, ariko bose hamwe bari umugore we. Nk'uko umubiri wose w'abizera ari Umugeni wa Kristo, kuko Ari We, umugore. We yari Umugabo. Noneho, twakorewe Kristo. Kristo ntabwo yakozwe ku bwacu.

138 Ibyo ni byo tugerageza gukora uyu munsi mu bitabo byacu, ni ukugerageza gutuma Ijambo (ari ryo Kristo) rituryohera, aho kugerageza kwihindura twe ubwacu kugira ngo turyohere Ijambo. Ibyo biratandukanye.

139 Iyo umugabo ahisemo umukobwa runaka mu muryango, ntagomba kwishingikiriza ku bwiza, kuko ubwiza burashukana. Kandi ubwiza, ubwiza bw'isi ya none, ni ubwa satani.

"Yewe," Ndumva umuntu hariya avuga ati: "Itondere hano, muvugabutumwa!"

140 Ndavuga ko ibi bintu byo kuri iyi si, byitwa ko ari byiza, ari ibya satani rwose. Ndaza kubibereka. Hanyuma, dukurikije iyi ngingo, reka dushakishe Ijambo ryera ry'Imana, turebe niba ari ukuri cyangwa atari ukuri. Kandi bamwe muri mwe bagore mwifuza kuba beza! Murabona aho biva. Mu ntangiriro, dusanga Satani yari mwiza cyane kugeza ubwo yashukaga n'Abamalayika. Kandi yari Umumalayika mwiza cyane kuruta abandi bose. Yerekanye, ari muri satani. Mu migani haravuga hati, Salomo yaravuze ati: "Ubwiza ni ubusa." Ni byo koko. Icyaha ni cyiza. Nta gushidikanya, ni byo. Kirakurura.

141 Ndashaka kubabaza, no kubabwira ikintu hano. Ndashaka ko mubyitegereza, iminota mike. Mu moko yose yo ku isi, inyoni, inyamaswa, dusanga ku buzima bw'inyamaswa, uretse abantu, igitsina gabo ari cyo cyiza, ntabwo ari igitsina gore. Kuki bimeze gutyo? Murebe. . .Murebe impongo,—impongo nini nziza ifite amahembe yayo, n'impongo ntoya y'inyumbu. Murebe kuri—inkokokazi, inkoko ntoya ifite amababa y'utudomo, n'isake nini nziza ifite ibyoya byinshi. Murebe inyoni y'ingabo n'inyoni

y'ingore. Reba igishuhe cy'ikigore n'icy'ikigabo. Murareba? Kandi nta bwoko na bumwe ku isi, bwaremwe, bushobora gushuka no kwicisha bugufi nk'umugore.

142 Noneho, mushiki wanjye, ntuhaguruke ngo usohoke. Tegereza gusa kugeza igihe twumviye iherezo ry'Ibi. Murabona? Murabona?

143 Nta kindi kintu, nta kigore kindi uretse umugore, gishobora kuba indaya. Mwita imbwa "insambanyi," mwita ingurube "i—insambayi," ariko, mu myitwarire, zifite imico myiza kurusha kimwe cya kabiri cy'ibyamamare bya sinema biri hano. Nta kindi zishobora kuba cyo uretse inyamico myiza.

144 Kandi umugore ni we wahindutse, kubera gucurika ibintu. Ni byo. Urabona aho ubwiza bumugeza? Noneho, ni yo mpamvu, uyu munsi, dusanga abagore barimo kongera ubwiza. Ufashe Pearl Bryan, wigeze ubona ifoto ye? Bivugwa ko ari we bwiza bukomeye bwa Amerika. Nta mwana w'umunyeshuri ukomoka mu kigo cy'amashuri icyo ari cyo cyose ariko icyo gishobora kumushyira ku—ku murongo w'inyuma. Wari uzi ko ari byo? Wari uzi ko Bibiliya ivuga ko ari ko bizagenda?

145 Ese uzi ko kugwa kwazanywe n'abagore mu ntangiriro? Kandi kugwa . . . Iherezo rizarangira mu buryo bumwe, abagore baza mu butegetsi bagategeka abagabo, n'ibindi. Muzi ko ari ko Ibyanditswe bivuga? Murabizi, umunsi yambara imyenda y'abagabo, n'imisatsi ye, ibyo bintu byose bitandukanye n'Ijambo ry'Imana. Kandi muzi ko ahagarariye itorero? Iyo urebye ibyo abagore bakora, ubona icyo itorero rikora. Ni byo rwose. Noneho, ubu, ni nk'uko Ijambo ry'Imana ari ukuri.

146 Nta wundi mugore wakozwe ushobora kwicisha bugufi nk'uko umugore abikora. Nyamara, binyuze muri ibyo, yagizwe . . .

147 Ntabwo yari mu byaremwe mbere. Izindi ngore zose ziri mu byaremwe bya mbere: inyoni, ingabo n'ingore; inyamaswa, ingabo n'ingore. Ariko, mu buzima bw'abantu, Imana yaremye umugabo gusa, kandi imurema mu ishusho Yayo. Kandi umugore ni icyavuye mu mugabo, kuko Imana atari yo yashyizeho ikintu nk'icyo. Mushakishe mu Byanditswe. Ni byo rwose. Imana, oya, mugenzi, mu biremwa Byayo bya mbere. Yari yavuye aho.

148 Ariko niba ashobora kwifata neza, mbega ingororano afite iruta iyo umugabo. Yashyizwe mu kibuga cy'igeragezwa. Urupfu rwaje binyuze muri we. Ni we ushinjwa urupfu rwose. Ariko Imana yarahindutse ikoresha umwe kugira ngo yongere kugarura ubuzima; izana Umwana Wayo binyuze mu mugore, wumvira. Ariko ikintu kibi ni—ni kibi kurusha ibindi byose; nta kintu na kimwe gishobora kuba icyo hasi cyane.

149 Kayini, umwana wa Satani, gutekereza ko Imana yamwemeye. Uyu munsi. Kayini yari umuhungu wa Satani. "Yoo, noneho!" niko muvuga. Ntituzabivugaho birambuye,

ariko reka mbibashyirire ku mugaragaro. Bibiliya yavuze ko we "yari uwo muri ubwo buryo." Rero, ibyo birakemutse. Ni byo. Noneho, yari umwana wa Satani. Kandi yatekereje ko, kuzana igicaniro no kugihindura cyiza cyane kugira ngo gisengerweho, ari cyo Imana yakubahiriza.

150 Batekereza, batekereza kimwe muri iki gihe. Rwose. Ibi ngo: "Tuzubaka inyubako nini. Tuzagira amadini akomeye. Tuzubaka inyubako nini cyane kandi abantu bambaye neza cyane, abapadiri b'abahanga mu by'umuco." Rimwe na rimwe, Imana iri ku bilometero miriyoni kure y'ibyo. Ni byo. Ariko, ni itorero.

151 Rero, niba Imana yubaha gusenga, umurava, igitambo, Kayini yari umukiranutsi nka Abeli. Ariko ni ku bwo guhishurirwa, yasobanukiwe ko atari pome ababyeyi be baryaga.

152 Aha ngiye kuvuga ikintu kitari cyiza ku mukozi w'Imana, ariko ngiye kubivuga uko byagenda kose. Ndumva aba bandi bavuga ibintu, bityo nanjye. . . kuvuga urwenya ruto, kandi si rwo nshaka kuvuga. Ariko navuze ibi ngo: "Niba kurya pome bituma abagore bamenya ko bambaye ubusa, ni byiza ko twongera gusoroma pome." Murareba? Murareba? Yoo mbega. Mumbabarire kuri ibyo, ariko kugira ngo bihinduke. Ndabafite hano, kandi ndavuga ku bagore, n'ibindi. Jye—Jye—ndashaka kuruhuka gato, ku byerekeye ibizakurikiraho. Noneho, murebe, mwebwe. . . Ntabwo yari pome. Ibyo turabizi.

153 Muri iyi minsi, itorero ryarahindutse, hamwe n'ibyo ryagezeho, kimwe n'ibindi bikorwa byose byagezweho n'abantu, birimo kuba ibya siyansi. Bagerageza gukora itorero rya siyansi, bakururwa n'amashusho n'iminara minini. Kandi birababaje cyane kuba Abapentekote barinjiye muri uwo mutego. Byaba byiza ukoresheje ingoma, hepfo mu mfuruka, kandi Umwuka w'Imana ugukikije. Ariko ugerageza kwigereranya n'abandi bo muri bo, kuko wishyize mu idini. Ni cyo cyabieyee. Murabona? Amatorero arimo kugerageza kuba mu buryo bw'ubumenyi.

154 Kandi mwibuke ko uko umuntu agenda atera imbere binyuze mu bumenyi, ari na ko yiyahura buri munsi. Ubwo yavumburaga ifu yo mu rusasu rw'imbunda, murebe icyo yakoze. Igihe yavumburaga imodoka, yica abantu benshi kurusha uko ifu yo mu rusasu rw"imbunda yica. Ubu yifitiye igisasu cya hidorogeni. Muribaza icyo agiye kurukoza? Ni byo.

155 Kandi ni ko itorero rimeze, nk'uko rigerageza kubigeraho binyuze mu bumenyi, binyuze mu migambi yakozwe n'abantu, Birimo kubajyana kure y'Imana, no mu rupfu, kurusha uko byari bimeze mbere. Ni byo koko. Ntugahitemo itorero ryawe nk'uko wahisemo umugore wawe. Murareba? Ibyo siyansi yamukoreye byari igitangaza, ariko byaba byiza ibyo ubirinze itorero ryawe;

yisize amarangi, amafu, n'ibindi nk'ibyo byose. Ihitamo ikurikije imiterere y'Ijambo Ryayo.

156 Noneho reka tugereranye umugeni w'umwimerere wo muri iki gihe n'uwitwa umugeni wo mu itorero ry'iki gihe. Gereranya umugore, ugiye gushyingirwa uyu munsi.

157 Noneho, murebe icyo siyansi yamukoreye. Araza, bere na mbere, n'umusatsi we wogoshe, afite umwe muri iyi misatsi ya Jacqueline Kennedy, murabona, cyangwa ikintu nk'icyo. None se muzi icyo Bibiliya ivuga? Mu by'ukuri Bibiliya iha umugabo, niba abishaka, uburenganzira bwo kumusenda mu gihe cyo gutandukana, niba abikoze. "Ni umugore utagira ikinyabupfura, uzogosha umusatsi." Bibiliya ni yo yabivuze. Ni byo. Ntimwari mubizi? Mbega? Yoo, Yego rwose! Mbwiriza cyane muri Kaliforuniya ku buryo utabimenya. Ni byo koko. Yego rwose! Bimfitiye kamaro ki? Barabikora, uko byagenda kose. Ntimushobora gufata ingurube ngo muyihindure izina, muyigire umwana w'intama. Mubyitondere.

158 Muzanyanga nyuma y'ibi, ariko muzamenya Ukuri. Murabona?

159 Murebe. Reka tubigereranye. Dore aje yisize amarangi menshi, ikintu atari cyo, umugeni wa none. Yisiga mu maso, yakagombye kumuhunga. Bigutera ubwoba kugeza ubwo upfuye, akamukuraho ibyo bintu byose. Kandi ni ko bimeze no ku rusengero rufite urukuta runini, rusize irangi, Max Factor yuzuye y'iyobokamana. Yoo-mbega. Byombi bifite—Isura nziza, y'ikinyoma kuri bo, ubwiza bwaremwe n'abantu atari ubwiza bwaremwe n'Imana. Nta n'umwe ufite mico myiza.

160 Murebe, neza neza nka Satani, birahagije kugira ngo abeshye, mugereranye n'umugeni wo muri iki gihe: yambara amakabutura magufi, yisiga amarangi y'amapoudere, yogosha umusatsi we, yambara imyenda isa n'iy'abagabo, kandi wumve umupasiteri wamubwiye ko byose ari byiza. Ni umushukanyi. Bizababaza mu turere twa kure. Ni byo koko. Ibyo yabikoraga kugira ngo amushuke, kugira ngo yigire ikintu atari cyo.

161 Uko ni ko itorero ribigenza, ribona impamyabumenyi z'ikirenga DD., Ph.D., LL.D. Noneho muravuga muti: "Pasiteri wacu ni *iki*, *icyo*, na *kiriya*," birashoboka ko nta kindi uzi ku Mana ni nk'uko umu Hottentot yaba azi ku ijoro ryo muri Egiputa. Ibyo ni byo. Ni byo. Hari ubunararibonye mu iseminari y'iyobokamana, kandi nta kindi azi ku Mana kiruta ubusa.

162 Itorero rya none n'irangi ryabo ry'iyobokamana, yoo, abagore babo bose bagabanyirijwe icyubahiro cyabo, kubera Ricky wabo n'umupasiteri babonye, nka Yezebeli niba hari uwigeze kubaho. Imisatsi ikase, amakabutura magufi, amarangi, byose bikozwe mu buryo bwa gitewolojiya, uko ni ko itorero rihagaze. Ni byo. Ariko imico ye yo mu buryo bw'umwuka iri kure yo kuba umukozi wo mu rugo Yesu Kristo aje kwakira.

163 Iyo hari Umukristo ashatse umugore nk'uwo, bigaragaza ko yavuye mu buntu akagwa. Uburyohe bwe ku Mana n'uburyohe bwe ku rugo, uko urugo rugomba kuba rumeze, biri kure, iyo ahisemo umugore nk'uwo. Oya, mugenzi. Ntabwo bikwiranye n'uburyohe bw'Umukristo. Imiterere ye yo mu mwuka iri hasi cyane, yarapfuye, mu bwiza bw'amadini n'irari ry'isi.

164 Neza aho ni aho itorero rihagaze uyu munsi, yagurishije imico ye yahawe n'Ijambo kuri Satani, kugira ngo ahabwe idini rya siyansi ryakozwe n'abantu. Ubwo yari afite uburenganzira, nk'itorero ry'Imana, bwo kugumana Ijambo ry'Imana no kugira Umwuka Wera ukorera hagati yabo, bahuriza Umubiri hamwe n'Ijambo hamwe n'urukundo rw'Imana. Aho kugira ngo akore ibyo, yagurishije uburenganzira bwe bw'umwana w'imfura, nka Esawu, maze afata idini, mumureke abikore, ikintu cyose yashakaga, neza, nk'uko nyina yabigenje i Nikeya, Roma. Ijambo ry'Imana!

165 Mbega ukuntu ryinjiye mu bwami bwacu bwa Pentekote! Birababaje cyane, ariko ryarabikoze.

166 Mwitegereze, umunota umwe gusa, umubikira mu itorero rya Gatolika. Uwo mugore, kugira ngo abe umubikira, maze afate iryo vara rya nyuma, aba yagurishijwe muri iryo torero. Ni (ubugingo, umubiri, n'umwuka) umutungo w'iryo torero. Nta bitekerezo bye bwite afite. Ntashobora kugira, igihe azafata iryo vara rya nyuma, nta gitekerezo cye bwite, nta bushake bwe bwite. Murebe hano hanze, uko Satani abagira abanyamafuti be, nk'aho ari ukuri.

167 Itorero nyaryo rya Kristo, Umugeni, ryamugurishijweho cyane hamwe n'Ijambo Rye ryasezeranijwe, kugeza igihe ubwenge buri muri Kristo buzaba buri muri wowe. Mbega itandukaniro!

168 Kandi dusanga uyu munsi, ko, itorero rigezweho, itorero rigezweho ry'isi, itorero ryo mu isi ya none ndetse n'Itorero ryo mu mwuka yombi aratwite, kugira ngo abyare abahungu.

169 Rimwe muri yo, ni ivuka ry'idini, rigiye kubyara, rimwe muri. . .umunsi, ku. . .muri iyi minsi, mu Nama Mpuzamadini y'Isi yose, izazanira isi antikristo, binyuze mu idini. Uko ni ko kuri rwose. Nshobora kutazabibona. Ndizera ko nzabibona. Ariko, mwebwe rubyiruko, mwibuke ko mwumvise umupasiteri avuga atyo. Ibyo bizarangira. Kandi icyo ni cyo kimenyetso cy'inyamaswa, ubwo rizashyiraho iyo Nama y'Amatorero y'Isi Yose. Kandi azabyara umuhungu we, antikristo.

170 Undi atwite Ijambo ry'Imana kandi azabyara Umubiri, Umubiri utunganye wa Yesu Kristo, ari we Mugeni. Umubiri wa Kristo nturarangira. Ni bangahe babizi? Umugabo n'umugore ni umwe. Kandi Kristo ni Umubiri umwe, Ijambo. Umugeni agomba kuba ari uwo Mubiri. Maze bombi, hamwe, bagize Umubiri umwe. Nk'uko Adamu yari ameze mu ntangiriro:

umugabo, umugore we, ni umwe. Noneho, We, Umugeni nyakuri, yishyize mu maboko Ye ku buryo Atakoresha ubwenge Bwe bwite. Ubwenge bwe, birumvikana, ni ubushake Bwe, kandi ubushake Bwe ni Ijambo Rye.

171 Noneho reba uwitwa umugeni watoranijwe n'abantu, hanyuma ugereranye iby'umwuka n'iby'ubu, Yezebeli wo muri iki gihe warozwe na Ahabu we, ubwiza bwa Max Factor, n'ibindi byose. Nimurebe itorero, inzira imwe, ariko ni maraya w'Ijambo ry'Imana nzima; Amadini manini, inyubako nini, amafaranga menshi, umushahara munini, ryose ryaragurishijwe. Abagabo bahagaze ku ruhimbi bemeza ko ibyo ari byiza, kandi bakabareka bakabikora. Uburiganya, byose ni ko bimeze. Imyaka y'Itorero rya Lawodikiya, neza neza ni byo Bibiliya yavuze ko ari ko bizagenda. "Yaravuze ati: 'Ndi umutunzi. Ndi umwamikazi. Nta cyo nkennye.' Kandi ntuzi ko uri umukene, umutindi, uri impumyi, imbabare, wambaye ubusa: nyamara ntubizi." Niba ibyo atari UKU NI KO UWITEKA AVUZE, Ibyahishuwe 3, ntabwo nigeze mbisoma. Ni cyo ari cyo, kandi ntabizi! Mubitekerezeho.

172 Iyo ubwiye umugabo cyangwa umugore, mu muhanda, ko yambaye ubusa bikabije, ukamubwira ko yambaye ubusa, kandi baravuga bati: "Ita ku bikorwa byawe bwite," kubera iki, hari ikibazo cyo mu mutwe ahantu runaka. Hariho ikintu kitagenda neza mu bitekerezo byabo.

173 Kandi iyo mushoboye gusoma Ijambo ry'Imana, uko abantu bagomba gukora, n'uyu mubatizo w'Umwuka Wera dufite uyu munsi, kandi, abantu, kubera iki, bakubona nk'aho uri umusazi. Urababwira uti: "Mufite. . . " Bagomba kuvuka ubwa kabiri. Bagomba kwizera Bibiliya.

174 Baravuga bati: "Uwo yari Umuyahudikazi, mu myaka yashize. Itorero ryacu rifite inzira." Muri imbabare, muri abatindi, impumyi, ndetse mwambaye ubusa, kandi nta n'ubwo mubizi. Mbega i. . . Kandi Bibiliya yavuze ko ari bwo buryo bizagendamo.

Ni gute umuhanuzi w'ukuri adashobora kubibona? Simbizi.

175 Bigenda byinjira mu matorero yacu yose, ahantu hose. Mubirebe neza, murabona, mu buryo bwa none. Ni ya ndaya ya kera n'abakobwa bo mu Byahishuwe 17 guha abakene, impumyi, abantu bababaye inyigisho ye ya tewolojiya inyuranye n'Ijambo ry'Imana. "Kandi bamusangamo ubugingo bw'abacakara, n'abagabo n'abagore bo—b'ahantu hose." Aho gukurura abantu. . .

176 Kristo ahamya Ijambo Rye, rikurura abantu. Ntabwo akururira abantu mu matorero bakururwa n'amadini manini n'ibikorwa bikomeye, no gutwarwa n'ibintu binini bikomeye n'ibintu bidasanzwe. Ariko Ijambo ry'Imana rikurura Umugeni wa Kristo.

177 Noneho murebe. Birashimishije—kureba uburyo iryo—iryo torero rigerageza gukurura ibitekerezo by'abantu n'amakorali yambaye amakanzu meza, n'abagore bafite imisatsi inyerera n'amasura yasizwe amarangi. Kandi batekereza ko. . . Kandi yaririmbaga nk'Abamalayika. Ubeshya nka dayimoni, wiruka ijoro ryose ujya kubyina nk'aho, ntacyo ubitekerezaho. Kandi ibyo ni byo batekereza, "Ni byiza. Ni byiza." Ariko, murabona, ibyo ni iby'ibinyoma. Ntabwo ari Ijambo ry'Imana.

178 Mu gihe, Umugeni w'ukuri akurura ibitekerezo by'Imana, binyuze mu Ijambo Ryayo. Noneho murebe. Noneho murebe Kristo.

179 Uravuga uti: "Ni byiza, noneho, tegereza umunota umwe, tuvuge iki kuri ubu bwiza urimo kuvugaho?"

180 Bibiliya yaravuze, muri Yesaya 3: 2, ngo, igihe Yesu yazaga, "Nta bwiza Yari afite, ku buryo twamwifuza." Si byo se? Nta bwiza buhari. Niba Yari kuza mu bwiza bw'isi, nka Satani uyu munsi, abantu bari kumwirukaho bakamwemera nk'uko babigenza mu itorero rya none. Bari kumwizera, bakamwakira, nk'uko bakira Satani muri iki gihe. Nta gushidikanya ko bari kumwizera. Ariko ntiyaje mu bwiza nk'ubwo, ahubwo ahora aza mu bwiza bw'imico. Ahongaho, Kristo ntiyari Umugabo mwiza, ukomeye, w'ibigango. Imana ntabwo ihitamo ubwoko nk'ubwo.

181 Ndibuka igihe kimwe umuhanuzi yagiye ku—kwimika umwami, gushyiraho umwami mu bahungu ba Jesse, kwimika undi mwami mu mwanya we, ari we Sawuli. Nuko Jesse aramusohora, umuhungu we ukomeye, munini, mwiza. Yaravuze ati: "Ikamba rizagaragara neza, ku mutwe we."

182 Umuhanuzi yaragiye kumusukaho amavuta. Aravuga ati: "Imana yamwanze." Kandi yanze buri wese muri bo, kugeza ubwo yageze ku musore muto, wahetamye ibitugu, wazinze iminkanyari mu maso. Amusukaho amavuta, maze aravuga ati: "Imana ni yo yamutoranyije." Murareba? Duhitamo dukurikije uko tubibona. Imana ihitamo ikurikije imico.

183 Imiterere, nta miterere imeze nk'iya Yesu Kristo yigeze ibaho. Iba muri wowe kandi ikamugaragaza. Turabona ko ibyo ari ukuri. Ntabwo ari ubwiza Bwe isi ibona bukurura Umugeni We. Ni imico Ye, imico y'Itorero, Yesu ashaka; ntabwo ari inyubako nini, ahari amadini akomeye, ahari abanyamuryango benshi. Yasezeranije guhurira aho abantu babiri cyangwa batatu bateraniye. Mu by'ukuri. Aho ni ho umwizera nyakuri ashingira ibyiringiro bye, ni kuri iryo Jambo ry'Imana rigaragazwa mu kuri, icyo ari cyo. Hitamo ukoresheje Ijambo Ryayo, ntabwo ari itsinda rikunda iby'isi. Ibyo barabyanga.

184 Ntibitangaje kuba yaratandukanye na Yo, kuko yabuze ihishurirwa Ryayo, kandi ntaryo afite. Ntiyitaye kuri we, uko yitwara n'uko akora, ndetse n'uburyo afite ibintu byinshi byo mu isi.

185 Ireba imico ye, imico ya Kristo. Noneho, igihe kimwe gusa. Ni byo. Ahitamo Umugeni kugira ngo agaragaze imico Ye, ibyo amatorero ya none yo muri iki gihe abura rwose ga—gahunda Ye hano, ibirometero miliyoni, kuko bahakana ko *Ibi* ari Ukuri. None se byashoboka bite? Noneho, arimo gutegereza umunsi uwo Mugeni azatunganirizwaho, Abaheburayo 13:8, nkuko byari bimeze, nkuko byari bimeze. Bigomba kuba ari wa umubiri We umwe, amagufwa amwe, Umwuka umwe, byose kimwe, byubatse neza, hanyuma bombi bagahinduka umwe. Mu gihe cyose itorero ritaragera kuri urwo rwego, ntibaba ari umwe. Imiterere Ye, Ijambo ry'iki gisekuru, rigomba kubumbabumbwa. Rigomba kubumbabumbwa nk'uko Yabumbabumbwe.

186 Noneho, mu gusoza, ndashaka kuvuga impamvu navuze ibi bintu, hanyuma ndaza—ndaza gusoza. Mu ijoro rishize, ahagana saa tatu za mu gitondo, nari nkangutse.

187 Ndafata umwe muri mwe asubize ibi bikurikira. Ese hari icyo nigeze mbabwira mu Izina ry'Uwiteka kitari ukuri? Buri gihe ni ukuri. Rero mumfashe, Imana izi ko ari ukuri. Nta muntu n'umwe, nta hantu na hamwe ku isi, mu bintu ibihumbi byavuzwe, ko Itigeze ihusha ijambo na rimwe muri byo. Buri gihe byagiye bisohora neza neza uko byavuzwe.

188 Ndetse kugeza igihe nari i Phoenix, ejobundi, cyangwa hashize hafi umwaka, kandi nababwiye iby'ubwo Butumwa bwitwa ku—ku *Mugenzi, Igihe Kigeze He?* Kandi narababwiye nti: "Abamalayika barindwi bahuriraga hanze ahongaho," kandi bikaba ari ifungurwa ry'Ibimenyetso, n'ibindi. Kandi hariya i—ikinyamakuru *Life* cyari cyuzuyemo inkuru yabyo, Uru Rumuri rukomeye ruzamuka mu kirere, rufite uburebure bwa kilometero mirongo itatu, n'ubugari bwa kilometero makumyabiri na zirindwi. Bavuze ko batashoboraga kumenya icyo ari cyo; bari batarakimenya. Kandi abagabo bicaye hano muri iyi nyubako iri joro, bari bahagaze ahongaho bari kumwe nanjye igihe byabaga, neza neza nk'uko byavuzwe. Yambwiye ibintu byari bigiye kuba, kandi byarabaye neza neza. Uburyo buri Kimenyetso cyose muri byo cyafunguwe, kandi yavuze ubwiru bwari bwihishe mu bihe byashize by'abagorozi n'ibindi, neza cyane.

189 Ni gute, mpagaze hejuru y'umusozi, abagabo batatu cyangwa bane muri bo bahagaze hano nonaha, yego, ibirenze ibyo. Tugiye ku isonga ry'umusozi, Umwuka Wera aravuga ati: "Fata urwo rutare." Twari turimo guhiga. Aravuga ati: "Rujugunye mu kirere, maze uvuge uti: 'UKU NI KO UWITEKA AVUZE.'" Narabikoze. Hepfo y'ahongaho hamanuka umuyoboro muto w'umuyaga. Ndavuga nti: "Mu masaha makumyabiri n'ane, muraza kubona ukuboko kw'Imana." Abagabo bicaye hano nonaha.

190 Bukeye bwaho, ahagana saa yine, mpagaze ahongaho, ndavuga nti: "Itegure. Injira munsi y'imodoka ahongaho,"

musirikare w'inararibonye. Ndavuga nti: "Hari ikintu kigiye kuba." Byari ibintu bisobanutse neza, hejuru y'umusozi wa Canyon. Umuriro wamanukaga uturutse mu Ijuru, ukomeye uko washoboraga kugurumana, ukubita inkuta nka gutyo. Njye—njye nari mpagaze munsi Yawo. Nakuyemo ingofero, mfata ku mutwe. Wageze hejuru yanjye nka metero imwe cyangwa enye, maze uca umuyoboro uzenguruka urwo rukuta nka gutyo, maze uraturika. Maze usubira mu kirere, wongera kuzenguruka, uramanuka, gatatu, ndetse wari waciye hejuru y'ibihuru bya mesikite, kuri metero magana abiri. Numva bagenzi banjye bavuga bati: "Amina"? Bari bahari igihe byababaga, murabona, maze biraturika inshuro eshatu.

191 Bamaze kuva munsi y'imodoka n'ibindi byose, bagarutse, baravuga bati: "Ibyo byari kugutwika, iyo hataza kubaho ibintu by'amavuta."

192 Ndavuga nti: "Yari—Yari We. Yari arimo kuvuganaga nanjye." Imana ivugira muri serwakira. Murareba? Kandi hari hari ya Nkingi y'umuriro mubona ku ifoto, ihagaze ahongaho.

Igihe Yazamukaga, baravuga bati: "Ibi ni ibiki?"

Ndavuga nti: "Inkombe y'Iburengerazuba irimo gucirwaho iteka."

193 Ku munsi wa kabiri uvuye aho, Alaska yari igiye kurohama. Murabona? Yakubitiye rimwe, hariya, igikuba cya mbere kiracika.

194 Aho, mugomba gukora ikintu, kugira ngo mugishyire mu kimenyetso. Nk'umuntu washyize umunyu mu kibindi, akawujugunya mu mazi, maze akavuga ati: "UKU NI KO UWITEKA AVUZE, reka amazi abe meza." Undi muntu, Yesu, yafashe amazi ayasuka mu kibindi, maze—maze akayakoramo divayi.

195 Ugomba kugira ikintu, cyo kwerekana. Ni cyo cyari cyo, cyazamutse mu kirere kikamanuka. Ibyo byatangije uwo muyaga muto. Mu masaha makumyabiri n'ane, wari umaze kunyeganyeza uwo musozi kugeza ubwo ucitsemo inkangu mu mpande.

196 Revera Bwana Blair wicaye hano, ndamureba neza ubu, yari ari hejuru ahongaho maze atoragura bimwe mu bice byawo, n'ibindi. Dore Terry Sothmann, abo, kandi bahagaze hano, na Billy Paul. Kandi bene Data, bamwe muri benshi muri aba bandi bari hano, bari bari ahongaho kugira ngo babibone bibaho igihe byasohokagamo.

197 Ibyo si inkuru mpimbano. Ibyo ni ukuri. Ibyo ntibyari mu bihe bya Bibiliya. Ibyo biri ubu. Murabona? Iyo Mana imwe yanyeretse ibi bintu buri gihe, kandi bigomba gusohora neza inyuguti ku yindi. Nta na rimwe byigeze bineshwa. Ubu ndimo ndamwiratana.

198 Mu byumweru bike bishize, nari mu iyerekwa. Kandi nari mpagaze a—ahantu hirengeye, kandi nagombaga kureba ishusho y'Itorero. Kandi nabonye, bivuye mu . . . Nari mpagaze muri *ubu* buryo, ndeba Iburengerazuba. Kandi mu baje muri *ubu* buryo hari harimo itsinda ry'abagore b'igikundiro, by'ukuri bambaye amakanzu meza cyane, bafite imisatsi miremure umeze neza inyuma, bambaye ibikomo ku maboko, n'amajipo amanutse neza. Kandi bose bagenderaga mu ndirimbo y'akarasisi, nk'iyi ngo: "Mujye mbere, basirikare b'Abakristo, mugende nk'abajya ku rugamba, hamwe n'umusaraba wa Yesu ubari imbere." Kandi ubwo bagendaga, nari mpagaze, kandi hari Ikintu runaka, Umwuka ahongaho, wari Imana, bavuga bati: "Hariho Umugeni." Nuko mbona, umutima wanjye wishimye. Nuko Azenguruka *iyi* nzira, anyura inyuma yanjye.

199 Nyuma y'igihe gito, yagarutse muri *iyi* nzira, Aravuga ati: "Ubu itorero rigezweho riraza kwigaragza." Maze haza Itorero ryo muri Aziya. Sinigeze mbona itsinda ry'umwanda nk'iryo.

200 Dore andi matorero y'amahanga atandukanye arazamuka. Yasaga nabi cyane.

201 Nuko njyewe—ndabivuga kuko ntegetswe kuvuga ukuri, imbere y'Imana. Kandi ubwo Yavugaga ati: "Ubu haje itorero rya Amerika, kugira ngo rriyerekane mbere y'igihe," Niba narigeze kubona itsinda ry'amadayimoni, ni ko ryari rimeze. Abo bagore bambaye ubusa, bambaye ikintu gishaje gisa n'imvi, nk'ibara ry'uruhu rw'inzovu. Kandi bari bagifatiye imbere yabo, nta gice cyo hejuru gifite. Kandi bakoraga ibintu nk'ibi, ibyo, mwene izi—izi mbyino aba bana babyina hano hanze, ibyo bintu byigoronzoye, n'ubwoko bw'umuziki buriho. Kandi maze kubona Nyampinga wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika. aje, nabaye nk'ucika intege.

202 Noneho, ibi ni UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Niba mwizera ko ndi umugaragu Wayo, muranyizera nonaha. Ibyo sinabivugira ubusa hano mw'isi. Nta mafaranga ahagije ku isi yose yatuma mvuga ibyo iyo bitaba ari ukuri.

203 Kandi ubwo yazaga, icyo cyari ikintu giteye isoni kurusha ibindi byose nigeze mbona. Naratekereje nti: "Mana, nk'ababwiriza n'abavandimwe twakoranye umwete kugira ngo tugushakire Umugeni, kandi icyo ni cyo kintu cyiza twashoboraga gukora." Yari arimo kuzunguruka, afashe *iki* kintu imbere ye, nk'imwe muri izi jipo zo muri Hawayi z'ibintu, bifashe imbere y'ibice bye, igice cye cyo hasi, nka *gutya,* abyina no azunguruka nk'uko aba bana babikora hano hanze muri . . . muri ibi bitaramo by'urukozasoni bafite, akazunguruka. Uwo yari Nyampinga w'Ubukristo bwa Amerika.

204 Mumfashe rero, ku bw'ubufasha bw'Imana, uko ni ko bigaragara mu maso Hayo. Njyewe—njyewe gusa . . . Ndatangira . . . Nashoboraga gucika intege. Naratekereje nti:

"Ibyo ngerageza byose, no kubwiriza, no kwemeza?" Buri wese muri bo yari afite imisatsi inyereye, kandi bari barimo kuzunguruka kandi bagakomeza, bafashe *ibi* imbere. Baraje, aho nari mpagaze n'iki Kiremwa kidasanzwe. Sinashoboraga kumubona. Numvaga Avugana nanjye gusa; yari hafi yanjye. Ariko iyo bahindukiraga muri *ubu*, bakomezaga *ibi*. Kandi bazungurukaga baseka gusa bagakomeza, bagakomeza gutyo, bafashe *ibi* imbere yabo.

205 Noneho, jyewe mpagaze Imbere Ye hariya, n'umugaragu We. "None se ibyo nagerageje byose, ni ibyo nari nshoboye gukora?" Naratekereje nti: "Mana, byamfashije iki? Byamfashije iki? Ugutaka kose, no kwinginga, no kwemeza, hamwe n'ibimenyetso bihebuje, ibikomeye, n'ibitangaza wagaragaje. N'ukuntu nahagaze ahongaho, ngasubira mu rugo nkarira nyuma yo kubabwiriza n'ibindi, none se byamfashije iki? Noneho ubwo ngomba kubakorera ikintu nk'icyo, kubera Umugeni?"

206 Ubwo nari mpagaze aho, ndeba, yaratambutse. Kandi mushobora kwiyumvisha igice cy'inyuma cye, nta kintu na kimwe cyari cyambaye, afashe *ibi* imbere ye ubwo yagendaga adingisa, nka gutyo, muri ku kuzenguruka, atera amaguru n'amaboko nka gutyo. Kandi, we, yoo, byari ibiteye isoni, ukuntu yitwara, umubiri we utigita nka gutyo. Noneho nda . . .

207 Mwavuga muti: "Ibyo bivuze iki, mwene Data Branham?" Simbizi. Gusa ndimo kubabwira ibyo mbona.

208 Maze ubwo yatambukaga atyo, naramurebye. Yoo, nahise ngira ubwoba cyane. Ngendagenda aho. Naratekereje nti: "Mana, nciriweho iteka. Aho—Aho nta mpamvu mfite yo kugerageza ikindi ubu. Byaba byiza mbiretse."

209 Madamu Carl Williams, niba wicaye hano, kandi izo nzozi wambwiye, mu gihe gishize, Izo wagize mu ijoro ryakeye, zari zikubangamiye, ngizo rero. Ipine y'imodoka yakuwe mu ntoki zanjye.

210 Hanyuma, naratekereje gusa nti: "Jye—Jye nshobora kuba narabyibagiwe." Nari nagiye.

211 Hanyuma, ako kanya, nongeye kumva Bigaruka. Kandi muri *uru* ruhande haje wa Mugeni wagendagendaga muri *uru* ruhanda. Dore abo bagore bato bongeye kugaruka, kandi buri wese muri bo yari yambaye imyambaro y'igihugu akomokamo, nk'Ubusuwisi, Ubudage, n'ibindi, buri wese yambaye ubwo bwoko bw'imyenda, bose bafite umusatsi muremure, nk'uwa wawundi. Kandi dore bari baje, bagenda n'amaguru. "Nimugende, basirikare b'Abakristo, mugenda nk'aho mugiye ku rugamba." Kandi ubwo bose banyuraga aho twari duhagaze mbere y'uko ibintu bitangira, bose icyarimwe, buri jisho ryaganishijwe muri iyo nzira. Hanyuma basubiye inyuma, baragenda, bakimbagira.

212 Kandi nk'uko batangiye kuzamuka neza mu kirere, uyu wundi we yazamutse ajya ku nkengero z'umusozi maze aramanuka, nka *gutyo*.

213 Aba batangiye kugenda bazamuka mu kirere. Ubwo bagendaga bakimbagira, nabonye abakobwa babiri bato inyuma, basaga nk'aho ari bamwe bo mu bakobwa b'abanyamahanga, nk'Abanyasuwede cyangwa Abasuwisi, cyangwa ahandi hantu. Batangiye kureba hirya no hino, maze babona . . . Naravuze nti: "Ntugire icyo ukora! Ntuve muri iyo ntambwe!" Ubwo natakaga gutyo, naje kugera aho, mu iyerekwa, mpagaze aho ukuboko kwanjye kurambuye *gutyo*. Ndatekereza nti: "Ubwo . . . "

214 Ni yo mpamvu navuze ibyo mfite uyu mugoroba. Ndashaka kubabaza ikibazo. Ese igihe kiragiye kurusha uko tubitekereza? Ese yaba yaramaze guhamagarwa no gutoranywa, agashyirwaho ikimenyetso? Nta wundi wundi uzongera kubaho, murabizi. Birashoboka? Yego, yego. Yoo, yego.

215 Mwibuke ibyo navuze, ejobundi ku ifunguro rya mu gitondo. Mw'ibangurira ry'intanga z'ingabo n'ingore, hari ibinyabuzima miliyoni imwe bisohoka, amagi miliyoni arasohoka. Ariko hariho rimwe gusa ribaho, nyamara yose aba asa: rimwe kuri miliyoni. Buri rimwe muri yo, amagi amwe n'ubwoko bumwe bw'ibinyabuzima. Rimwe muri yo rikabaho, asigaye yose agapfa.

216 Ntawe ushobora kumenya igi ryahiye muri ayo, kandi, yoo, bimeze bite kuri ryo. Imana ni yo igomba gufata icyemezo, niba ari umuhungu cyangwa umukobwa, ufite ibara ry'umuhondo cyangwa umwirabura, cyangwa ikindi cyose kizaba. Imana ni yo ifata icyemezo. Atari uko babanje guhura, ahubwo Imana ni yo ifata icyemezo bwa mbere. Wenda umwe aturuka *hano*, undi . . . Niba warigeze kubibona, ukabirebera mu gipimo, kugira ngo urebe ko bihurira hamwe. Njyewe narabyitegereje. Imana ni yo igomba kubigena. Umwe, buri wese muri bo, bose barasa, ariko mu gutoranywa. Ivuka risanzwe riterwa no gutoranywa. Imana ikuramo umwe kuri miliyoni.

217 Igihe Isiraheli yavaga muri Egiputa, yerekeza mu gihugu cyasezeranijwe, babarirwaga muri miliyoni ebyiri. Buri wese muri bo yari munsi ya wa mwana w'intama watambwe, iyo bitaba ibyo ntibari kubaho. Buri wese muri bo yateze amatwi Mose, umuhanuzi. Buri wese muri bo yari yarabatirijwe mu Nyanja Itukura. Buri wese muri bo yarabyinnye, abagore bari kumwe na Miriyamu, hejuru no hasi ku nkengero z'i (igihe) inyanja, ubwo Imana yarimburaga umwanzi. Buri wese muri bo yahagararanye na Mose, maze yumva aririmba mu Mwuka. Bo, buri wese, yariye manu yo mu butayu, yamanukaga iva mu Ijuru. Manu nshya, buri joro, iyo ni ikigereranyo cy'Ubutumwa, buri wese muri bo yayiriyeho. Ariko, muri miliyoni ebyiri, ni bangahe bashoboye? Babiri. Umwe muri miliyoni.

218 Hari Abakristo bagera kuri miliyoni magana atanu ku isi muri iri joro, ubaze Abanyagatolika n'abandi bose. Abantu miliyoni magana atanu bitwa abizera ku isi. Izamurwa riramutse ribaye muri iri joro, byaba bivuze ko . . . niba umwe kuri miliyoni ari we wari umubare. Simvuze ko ari byo. Ariko iyo biza kuba ari ko bimeze, abantu magana atanu, mu masaha makumyabiri n'ane ari imbere, baba baburiwe irengero. Nta n'ubwo wazigera ubyumva. Uko byagenda kose, hazabaho benshi babuze, badashobora no kubarwa.

219 Noneho bishobora kutubaho, nshuti, nk'uko byagenze igihe Yohana Umubatiza yazaga. Ndetse n'abigishwa baravuze bati: "Kuki Ibyanditswe Byera byavuze, kuki i—intumwa cyangwa abahanuzi bavuga bati, kuki havugwa ko uwo Eliya agomba kubanza kuza agasubiza ibintu byose ku murongo?"

220 Yaravuze ati: "Ndababwira ko Eliya yamaze kuza, ariko ntimubizi."

221 Umunsi umwe muri iyi minsi dushobora gusigara twicaye hano, "Bite se ku bijyanye n'Izamurwa mbere y'uko umubabaro utangira?"

"Byamaze kuza kandi ntabwo mwari mubizi."

222 Umubiri wose, ufungiye hamwe, ukomeza kuwukomeza. Simvuze ko ari uko bimeze. Ndizera ko atari uko bimeze. Ariko, nshuti, iyo bi . . .

223 Niba dufite igitekerezo mu mitima yacu, muri iri joro, cy'uko twagombye kugorora ubuzima bwacu, n'ibintu twakoze, reka nkugire inama, nka mwene So w'umukozi w'Imana. Ngiye kuvuga kuri ibi bwa mbere, hano ku gicaniro. Navuze birambuye muri iri joro, kuri *Ibi,* kurusha ikindi kintu icyo ari cyo cyose, igihe icyo ari cyo cyose, uko byagenda kose, imbere y'imbaga y'abantu, kuko nagize ubwisanzure bukomeye muri aya materaniro. Niba mwizera ko ndi umuhanuzi w'Imana, mutege amatwi icyo mbabwira. Niba hari agacyo gato wumva mu mutima wawe, hita ujya ku Mana ako kanya. Ubikore.

224 Muhagarare gato, bagabo. Murebe i—imigenzo yanyu mukorera. Murebe mu matorero yanyu. Ese bijyanye neza n'Ijambo ry'Imana? Ese mwahawe ubumenyi bwose? Muvuge muti: "Ndi umuntu mwiza." Ni uko Nikodemu na we yari ameze, ndetse n'abandi bose bari bameze batyo. Bari—bari bameze neza. Murabona? Ibyo ntaho bihuriye na byo.

225 Kandi, bagore, ndashaka ko mwirebera mu ndorerwamo, mukareba icyo Imana isaba umugore gukora. Kandi mwirebere mu ndorerwamo y'Imana, ntabwo ari mu ndorerwamo y'itorero ryanyu ubu, ahubwo murebe mu ndorerwamo y'Imana; kandi murebe niba mwujuje ibisabwa, mu buzima bwanyu, Umugeni wa Yesu Kristo.

226 Bakozi b'Imana, namwe mutekereze kimwe. Ese muca iyabugufi *hano*, kugira ngo mukize amarangamutima y'umuntu uri hakurya? Ese mwakora *ibi* bitaba ibyo. . .maze bakazabirukana mu itorero? Niba ubyumva utyo, mwene Data nkunda, reka nkubwire, mu Izina rya Yesu Kristo, hunga ibyo ubu nonaha.

227 Kandi, mugore, niba udashobora kugera ku gipimo cy'Umukristo, utari Umukristo wo ku izina, ariko mu mutima wawe, kandi ubuzima bwawe bumeze neza neza nk'uko icyemezo cy'ugushyingirwa cy'Imana, hano, kivuga ko kigomba kuba. . .

228 Kandi, munyamuryango w'itorero, niba itorero ryawe ritameze gutyo, ushobora gupimira ku bisabwa n'Imana ku Ijambo Ryayo, sohokamo winjire muri Kristo.

229 Uwo ni umuburo ukomeye. Ntituzi igihe, kandi ntimuzi igihe, ko umunsi umwe uyu mujyi uzarigitira hano mu ndiba y'nyanja.

230 "Yewe, Kaperinawumu," Yesu yaravuze ati: "Wowe wazamuwe mu ijuru, uzamanukanwa mu kuzimu. Kuko, iyo ibikorwa bikomeye biba byarakorewe i Sodoma na Gomora, byari kuba bikiriho kugeza n'uyu munsi." Kandi Sodoma, Gomora iri mu ndiba y'inyanja y'Umunyu. Kandi Kaperinawumu na yo iri mu ndiba y'inyanja.

231 Wowe mujyi, uvuga ko uri umujyi w'Abamalayika, wowe ubwawe wishyize hejuru, maze wohereza ibintu byose byanduye, by'imideli n'ibindi bintu, kugeza ubwo n'ibihugu by'amahanga biza hano gufata umwanda wacu bikawujyyana ahandi, ku matorero yanyu meza n'inkuta, n'ibindi, uko mubikora. Mwibuke ko umunsi umwe muzaba muryamye mu nyanja, ubu ngubu muri munsi y'irumbi ry'inzuki. Umujinya w'Imana urimo kugurumana munsi yanyu. Bizamara igihe kingana iki Ifashe iki gisenge cy'umusenyi kiri hejuru yawo? Igihe, iyo nyanja iri kure cyane, ifite uburebure bwa kilometero imwe, izarigitirayo, yibire mu Nyanja ya Salton. Bizaba bibi kurusha umunsi wa nyuma wa Pompeii. Ihane, Los Angeles.

232 Nimwihane, abasigaye, muhindukirire Imana. Isaha y'uburakari Bwayo iri ku isi. Hunga igihe kigihari cyo guhunga, maze winjire muri Kristo.

Mureke dusenge.

233 Mana yanjye, iyo, mu mwuka wanjye, harimo guhinda umushyitsi, umutima wanjye urimo gutemba amarira menshi y'umuburo. Bikore, O Mana, kugira ngo abagabo n'abagore batazibwira ko ibyo navuze ari urwenya, kandi abantu bo mu itorero ntibazabifate nk'ikintu kibabangamiye cyangwa kibabuza umunezero. Reka babone, Mwami, ko biri mu rukundo.

234 Urampamya, Mana Ishoborabyose, ko hasi no hejuru h'iyi nkombe, umwaka ku wundi, ntangaza Ijambo Ryawe. Mpamiriza, O Mana, niba byashobokaga kuba muri iri joro, nakavuze Ukuri. Uzi iri yerekwa ry'Umugeni ko ari Ukuri. Nafarifatiye ku Izina Ryawe, Mwami, maze mvuga ko byari UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Kandi ndumva nzi neza, Mwami, ko nzi ibyo nkora.

235 Ndagusabye rero, Mwami, mw'Izina rya Yesu, reka abantu bahinde umushyitsi, iri joro, kandi bahunge umujinya ugiye kuza, kuko Ikabodi yanditse ku miryango na hose mu mahanga. Akamenyetso k'umukara kagaragayeho. Umwuka w'Imana urababara cyane, kandi bapimwe mu bipimo basanga badashyitse. Ibirori by'Umwami Nebukadinezari byongeye kugaruka, hamwe n'ibirori by'abasinzi n'abagore bambaye ubusa, biyita Abakristo.

236 Mana yo mw'Ijuru, girira imbabazi isi y'icyaha n'abanyabyaha, Mwami, nk'uko turi iri joro. Mana, ndagerageza guhagarara mu cyuho kandi ndasaba imbabazi ku Mana, ko Uza kuvugana n'iyi mbaga y'abantu muri iri joro kandi ugahamagara Umugeni Wawe ngo agukurikire, Mwami, tudakurikiza ikimenyetso cy'imyizerere iyo ari yo yose, ahubwo dukurikiza ijwi ry'Ubutumwa bwiza bw'Umwami Yesu Kristo. Bikore, Mana. Reka bimenyekane, muri iri joro, ko uri Imana, kandi ko Ijambo Ryawe ari Ukuri. Mu gihe, mu buryo bweruye, imbere y'aba bantu, tubahamagarira kwita ku Ijambo Ryawe.

237 Mu Izina rya Yesu Kristo, ndabasengeye, Mwami. Bakubonye, nta gushidikanya, ugenda mu mbaga y'abantu babo ubabwira ibiri mu mitima yabo. Kandi Uzi, Mwami, ko, ubungubu, ibirimo kuba. Uzi ko ari Ukuri, Yoo Mana. Kandi ndagusabye, mu Izina rya Yesu, reka Umwuka Wera yongere atwingingire, Mwami, hanyuma tuve muri iri teraniro, Mwami, abanditse mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama. Bikore, Mana. Ndabigusabye n'umutima wanjye wose.

238 Aba bantu, birumvikana, Mwami, bampa igiceri cya nyuma bari bafite, kugira ngo bashyigikire Ubutumwa. Bakora icyo bashoboye cyose. Ariko Mana, iyo bigeze ku guhangana nacyo, no kukinjiramo, ndasenze, Mana, ngo iri ribe ijoro uza kubahembamo kandi usuke Umwuka Wawe Wera kuri iri koraniro. Kandi ntihakabeho kwishima cyangwa gusimbuka, ahubwo habeho kurira no kuboroga, no kwihana, dufashe amahembe y'igicaniro, mu gihe tubona imanza zigenda zicurirwa munsi y'ibirenge byacu, muri iri joro. Bikore Mana. Ndagusabye uko mbizi, mw'Izina rya Yesu Kristo.

239 Mwene Data, mushiki wanjye, njye—sinzi icyo navuga, niba naraboneye ubuntu mu maso yawe, kubw'imbaraga z'Imana, niba wemera ko ndi umuhanuzi Wayo. Ni ubwa mbere mvuze ibyo mu ruhame. Ariko numva umuburo udasanzwe mu buryo

runaka. Simbikunda. Murabizi ko atari byo. Simbikunda. Natinye kuvuga ubwo Butumwa no kuvuga ibyo bintu. Ndiruka njya ku ruhande n'ibindi byose, kugira ngo ntabikora. Ariko byaravuzwe, kandi nzahagarara ku Munsi w'Urubanza, nk'umuhamya ko mvuga Ukuri. Ibyo ni UKU NI KO UWITEKA IMANA NYIRINGABO AVUGA!

240 Yewe, Pentekote, hunga ukize ubugingo bwawe. Nimuhungire ku mahembe y'igicaniro muvuze induru, igihe kikiriho, kuko isaha izagera aho ushobora kurira kandi ntacyo bikikumariye. Kuko Esawu yashatse kubona umwanya, w'uburenganzira bwe bw'imfura, ariko ntiyawubona. Ndabakweguriye, yewe, Kaliforuniya. Yewe, koraniro cy'Abacuruzi bo mw'Ivugabutumwa Risesuye, Uwo nkunda, uwo nasize kandi nkamukomeza, n'umutima wanjye wose, ngushyize kuri Yesu Kristo, muri iri joro. Mumuhungireho! Ntimukemere ko satani abahuma amaso. Komezanya na Wo kugeza igihe, buri wese, yujujwe Umwuka Wera, ku buryo, bizagutera kugera kuri iri Jambo, ibyo bizatuma mwebwe abagore mugororoka, ibyo bizatuma namwe bagabo mugororoka. Niba muvuga ko mufite Umwuka Wera, kandi ntimushobore kwihanganira Ijambo, ni undi mwuka uri muri mwe. Umwuka w'Imana uri kw'Ijambo Ryayo, Mesiya, Ijambo ryasizwe. Umugeni agomba kuba ari Mesiya, Ijambo ryasizwe.

241 Reka duhaguruke mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo. Niba mutacyumva ijwi ryanjye . . . Ariko, Imana nibishaka, Nderekeza muri Afrika, mu masaha make. Nshobora kutagaruka. Simbizi. Ariko ndababwira, n'umutima wanjye wose, Nababwije Ukuri. Sinahwemye kubamenyesha ibyo Imana yambwiye byose. Kandi nabivuze mu Izina ry'Umwami Mana.

242 Ni igihe gikomeye. Sinzi uko nabivuga. Nagerageje kuva ku ruhimbi inshuro eshatu cyangwa enye, ariko sinabasha kubikora. Iyi ni isaha ikomeye. Ntimukibagirwe na rimwe. Iki ni cyo gihe, wenda, Imana ishobora kuba irimo gukora umuhamagaro Wayo wa nyuma. Simbizi. Izakora ihamagara Ryayo rya nyuma, umunsi umwe. Ryari? Simbizi. Ariko ndababwira, ukurikije iryo yerekwa, bisa nk'aho uwo Mugeni agiye kurangira.

243 Reba amatorero y'izina yinjira. Igihe umwari w'umunyabwenge wari usinziriye yazaga gushaka Amavuta, ntayo yabonye. Umugeni yinjiye. Izamurwa ribaye. "Ubwo bajyaga kugura Amavuta, Umukwe ni bwo yaje."

244 Urasinziriye? Kanguka vuba, wisubireho. Kandi turasenze, buri wese, nk'aho turi bupfe uyu munota, mw'Izina ry'Umwami. Reka, buri wese, asengere mu buryo bwawe.

245 Mana Ishoborabyose, tugirire impuhwe. Mwami, ngirira impuhwe. Tugirire impuhwe twese. Bidufitiye akahe kamaro, uko twakora kose, niba twanariwe muri ibi bintu? Mpagaze

nsaba imbabazi, Mana, mbere y'uko uyu mujyi munini urohama munsi y'inyanja n'imanza z'Imana zigakwira iyi nkombe. Ndagusaba Mana, ngo Uzahamagare Umugeni Wawe. Ubu ndabakweguriye, mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina. Amina . . .?. . . Nababwiye ukuri . . .?. . .

65-0429E Guhitamo Umugeni
Hoteri yitwa Biltmore
Losanjeresi, Kariforuniya Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

## Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org